AMABWIRIZA N°08/R/GP-EWS/RURA/2023 YO KU WA 24/02/2023 AGENGA UBURYO BWO GUSHYIRAHO, KUVUGURURA SITASIYO, NO GUCURUZA PETEROLI N'IBIYIKOMOKAHO MU RWANDA

REGULATION N° 08/R/GP-EWS/RURA/2023 OF 24/02/2023 GOVERNING THE INSTALLATION, UPGRADE AND OPERATION OF PETROL SERVICE STATIONS IN RWANDA

REGLEMENT N° 08/R/GP-EWS/RURA/2023 DU 24/02/2023 REGISSANT L'INSTALLATION, LA RENOVATION ET L'OPERATION DES SERVICES DE STATION AU RWANDA

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE

Ingingo ya Mbere : Icyo aya Mabwiriza agamije

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

UMUTWE WA KABIRI : GUSHYIRAHO NO KUBAKA SITASIYO ITANGA IBIKOMOKA KURI PETEROLI

Icyiciro cya Mbere : Ibigize Sitasiyo zicuruza peteroli n'ibiyikomokaho n'ibiranga ikibanza ishyirwamo

Ingingo ya 3 : Ibigize sitasiyo icuruza peteroli n'ibiyikomokaho

Ingingo ya 4 : Ikibanza cyubakwamo sitasiyo icuruza peteroli n'ibiyikomokaho

Ingingo ya 5 : Ubuso bwo kubakamo sitasiyo icuruza petrol n'ibiyikomokaho

Icyiciro cya 2 : Imiterere n'ishyirwaho ry'ibikoresho n'ibisabwa mu rwego rw'umutekano kuri sitasiyo icuruza peteroli n'ibiyikomokaho

TABLE OF CONTENT

CHAPTER ONE : GENERAL PROVISIONS

Article One : Purpose of this Regulation

Article 2 : Interpretation

CHAPTER II: INSTALLATION AND CONSTRUCTION OF A SERVICE STATION

Section One: Composition of a petrol service station and its plot specifications

Article 3 : Composition of a petrol service station

Article 4 : Plot Reserved for construction of a service station

Article 5 : Plot size of a service station

Section 2: Design, installation of equipment and safety requirements at a petrol service station

ISHAKIRO

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES

Article Premier : Objet du Présent Règlement

Article 2: Inteprétation des termes

CHAPITRE II : INSTALLATION ET CONSTRUCTION D'UNE STATION-SERVICE

Section première : Composition d'une station-service et les spécifications de sa parcelle

Article 3 : Composition d'une station-service

Article 4 : Parcelle prévue pour la construction d'une station-service

Article 5 : Superficie d'une station-service

Section 2 : Conception, installation des équipements et conditions de sécurité dans une station-service

Ingingo ya 6 : Ahashyirwa ibigega by'ububiko	**Article 6: Location of storage tanks**	**Article 6 : Emplacement des réservoirs de stockage**
Ingingo ya 7: Gushyiraho ibigega by'ububiko	**Article 7: Installation of storage tanks**	**Article 7: Installation de réservoirs de stockage**
Ingingo ya 8: Imiterere y'ibigega by'ububiko biri munsi y'ubutaka	**Article 8: Design of underground storage tanks**	**Article 8: Conception des réservoirs de stockage souterrains**
Ingingo ya 9 : Gushyiraho imiyoboro n'ibitembo by'ubuhumekero	**Article 9: Installation of pipelines and vent pipes**	**Article 9 : Installation de canalisations et tuyaux de ventilation**
Ingingo ya 10: Ibyangombwa ibitembo bigomba kuba byujuje	**Article 10: Pipes specifications**	**Article 10: Spécifications des tuyaux**
Ingingo ya 11: Gusuzumira aho sitasiyo yubatse ko itava	**Article 11: In-situ leak testing**	**Article 11 : Test d'étanchéité in-situ**
Ingingo ya 12 : Gushyiraho imashini zitanga peteroli n'ibiyikomokaho	**Article 12: Installation of dispensers**	**Article 12 : Installation des distributeurs**
Ingingo ya 13 : Umugende n'ibikoresho bifata amazi	**Article 13: Drainage and interceptors**	**Article 13: Drainage et tuyaux d'évacuation**
Ingingo ya 14 : Ubuhagarike bw'ahasakaye n'uburyo hubakwa	**Article 14 : Construction and height of canopy**	**Article 14: Construction et hauteur du toit**
Ingingo ya 15: Imbuga ya sitasiyo	**Article 15: Forecourt area**	**Article 15 : Zone du parvis**
Ingingo ya 16 : Aho bapakururira ikamyo ifite ikigega cy'ibikomoka kuri peteroli	**Article 16: Road tanker offloading area**	**Article 16 : Aire de déchargement des camions-citernes**
Ingingo ya 17 : Kurwanya inkongi y'umuriro no kubungabunga umutekano	**Article 17: Firefighting and security management**	**Article 17 : Lutte contre l'incendie et gestion de la sécurité**
Ingingo ya 18 : Ibikoresho byo kubungabunga umutekano	**Article 18: Equipment to ensure safety**	**Article 18 : Equipement de sauvegarde de la sécurité**
Ingingo ya 19 : Ibyapa byerekana aho kwitondera	**Article 19: Safety signs**	**Article 19 : Signaux de sécurité**
Ingingo ya 20 : Ibiranga ibigega	**Article 20: Identification of tanks**	**Article 20 : Identification des réservoirs**

Ingingo ya 21: Ibiranga imashini zitanga ibikomoka kuri peteroli	**Article 21: Identification of dispensers**	**Article 21: Identification des distributeurs**
Ingingo ya 22 : Ibyubahirizwa mu rwego rwo gushyira amashanyarazi muri sitasiyo igurisha peteroli n'ibiyikomokaho	**Article 22: Requirements with regards to electrical installations of a service station**	**Article 22 : Conditions relatives aux installations electriques d'une station service**
Icyiciro cya 3 : Aho abakiriya bagurira peteroli n'ibiyikomokaho	**Section 3 : Consumer site**	**Section 3 : Site des consommateurs**
Invingo ya 23 : Ibisabwa mu rwego rwa tekiniki ku byerekeranye n'aho abakiriya bagurira peteroli n'ibiyikomokaho	**Article 23: Technical requirements of a consumer site**	**Article 23 : Conditions techniques d'un site de consommation**
UMUTWE WA GATATU : AHASHYIRWA SITASIYO UGERERANYIJE N'IBIKORWAREMEZO BIHEGEREYE	**CHAPTER III : LOCATION OF A SERVICE STATION VIS A VIS THE NEIGHBORING INFRASTRUCTURES**	**CHAPITRE III: EMPLACEMENT D'UNE STATION-SERVICE PAR RAPPORT AUX INFRASTRUCTURES AVOISINANTES**
Ingingo ya 24 : Imihanda yemerewe gushyirwaho sitasiyo igurisha petroli n'ibiyikomokaho n'ahagenewe umuhanda	**Article 24 : Roads permissible for a petrol service station project with their respective reserve**	**Article 24 : Les routes autorisées pour un projet de station-service avec leur réserve respective**
Ingingo ya 25 : Intera ijya hagati y'ibikorwaremezo bya sitasiyo n'ihuriro ry'imihanda	**Article 25: The distance between the facilities of a petrol service station and the road junctions**	**Article 25 : La distance entre des infrastructures d'une station-service et le carrefour**
Ingingo ya 26 : Intera iba hagati y'ibikorwa remezo bya sitasiyo n'urubibi rw'ahantu ho kwitondera	**Article 26 : The distance between the facilities of a petrol service station to the plot boundary of a sensitive area**	**Article 26 : La distance entre les infrastructures d'une station-service et la limite de la parcelle d'une zone sensible**
Ingingo ya 27 : Intera iba hagati y'ahantu hashobora guteza impanuka kuri sitasiyo n'amazu yo guturamo	**Article 27 : The distance between a hazardous area of a petrol service station to residential houses**	**Article 27 : La distance entre une zone dangereuse d'une station-service et des maisons d'habitation**
Ingingo ya 28 : Intera ijya hagati ya sitasiyo n'umuyoboro w'insinga z'amashanyarazi	**Article 28 : The distance between a service station and a power line**	**Article 28 : La Distance entre une station-service et une ligne électrique**

Ingingo ya 29: Intera ijya hagati ya sitasiyo n'iyindi	**Article 29 : The distance between one petrol service station and another**	**Article 29: La distance entre une station-service et une autre**
UMUTWE WA KANE : IBIKURIKIZWA MU GUTANGA URUHUSHYA RWO GUSHYIRAHO NO KUVUGURURA SITASIYO CYANGWA AHO ABAKIRIYA BAGURIRA PETEROLI	**CHAPTER IV: LICENSING REGIME FOR INSTALLATION AND UPGRADE OF A SERVICE STATION AND CONSUMER SITE**	**CHAPITRE IV : REGIME D'OCTROI DE LICENCE POUR L'INSTALLATION ET LA RENOVATION D'UNE STATION SERVICE OU D'UN SITE DE CONSOMMATION**
Icyiciro cya Mbere : Gushyiraho no kuvugurura sitasiyo	**Section One: Installation and upgrade of a service station**	**Section première : Installation et mise aa niveau d'une station service**
Ingingo ya 30 : Ubusabe bw'inama mbere yo gukora umushinga wa sitasiyo	**Article 30 : Application for a pre-consultation of a petrol service station project**	**Article 30 : Demande de consultation préalable d'un projet de station-service**
Ingingo ya 31: Gusaba uruhushya rwo gushyiraho sitasiyo	**Article 31: Application for an installation license**	**Article 31: Demande de licence d'installation**
Ingingo ya 32 : Igihe uruhushya rwo gushyiraho sitasiyo rumara	**Article 32 : Validity for an installation license**	**Article 32: Validité d'une licence d'installation**
Ingingo ya 33: Amafaranga yishyurwa ku ruhushya rwo gushyiraho sitasiyo	**Article 33 : Installation license fee**	**Article 33: Frais de licence d'installation**
Ingingo ya 34: Guhindura no guhererekanya uruhushya	**Article 34 : License modification and transfer**	**Article 34 : Modification et transfert de licence**
Ingingo ya 35 : Inshingano z'uwahawe uruhushya rwo gushyiraho sitasiyo	**Article 35: Obligations of petrol service station installation licensee**	**Article 35 : Obligations du titulaire de licence d'installation de station-service**
Ingingo ya 36 : Gusaba uruhushya rwo kuvugurura sitasiyo	**Article 36 : Application for an authorization to upgrade a service station**	**Article 36 : Demande d'autorisation de rénovation d'une station-service**
Ingingo ya 37: Guhagarika uruhushya rwo gushyiraho sitasiyo	**Article 37 : Suspension of an installation license**	**Article 37: Suspension d'une licence d'installation**
Ingingo ya 38: Ivanwaho ry'uruhushya rwo gushyiraho sitasiyo	**Article 38 : Revocation of an installation license**	**Article 38: Révocation d'une Licence d'installation**

Ingingo ya 39 : Gutesha agaciro uruhushya rwo gushyiraho sitasiyo	**Article 39 : Cancelation of an installation license**	**Article 39 : Annulation d'une licence d'installation**
Ingingo ya 40 : Kuregera urukiko	**Article 40 : Recourse to Court**	**Article 40 : Recours au Tribunal**
Ingingo ya 41 : Guhindura ibishushanyombonera bya sitasiyo	**Article 41 : Modification of petrol service station design drawings**	**Article 41 : Modification des plans de conception des stations-service**
Icyiciro cya 2 : Aho abakiriya bagurira peteroli	**Section 2 : Consumer site**	**Section 2 : Site des consommateurs**
Ingingo ya 42 : Gusaba uruhushya rwo gushyiraho aho abakiriya bagurira peteroli	**Article 42 : Application for authorization of a consumer site installation**	**Article 42 : Demande d'autorisation d'installation d'un site des consommateurs**
Ingingo ya 43 : Agaciro k'uruhushya rwo gushyiraho aho abakiriya bagurira peteroli	**Article 43: Validity for authorization of a consumer site installation**	**Article 43 : Validité d'une autorisation d'installation d'un site des consommateurs**
Ingingo ya 44 : Amafaranga yishyurwa ku ruhushya	**Article 44: Authorization fee**	**Article 44 : Frais d'autorisation**
Ingingo ya 45 : Inshingano z'uwahawe uruhushya	**Article 45 : Obligations of an authorisation holder**	**Article 45: Obligations d'un titulaire d'autorisation**
UMUTWE WA GATANU : IMITANGIRE Y'IMPUSHYA ZO KUDANDAZA IBIKOMOKA KURI PETEROLI KURI SITASIYO	**CHAPTER V : LICENSING REGIME FOR RETAIL OF PETROLEUM PRODUCTS AT A PETROL SERVICE STATION**	**CHAPITRE V: REGIME D'OCTROI DE LICENCE POUR LA VENTE AU DETAIL DES PRODUITS PETROLIERS DANS UNE STATION-SERVICE**
Icyiciro cya mbere : Imikorere yo gucuruza sitasiyo	**Section One : Operation activities for a petrol service station**	**Section première: Activités d'opération pour une station-service**
Ingingo ya 46 : Gutangiza sitasiyo	**Article 46 : Commissioning of a petrol service station**	**Article 46: Mise en service d'une station-service**
Ingingo ya 47: Gupakurura peteroli n'ibiyikomokaho	**Article 47 : Off-loading of petroleum products**	**Article 47: Déchargement de produits pétroliers**
Ingingo ya 48 : Uko ikamyo ihagarikwa mu kibanza cya sitasiyo	**Article 48 : Position of the tanker in the delivery premises**	**Article 48 : La position du camion-citerne dans les premises de livraison**
Ingingo ya 49 : Kubika ibikomoka kuri peteroli	**Article 49 : Storage of petroleum products**	**Article 49: Stockage des produits pétroliers**

Ingingo ya 50 : Ingamba zo kubungabunga umutekano ku byerekeranye n'imirimo yo gutanga ibikomoka kuri peteroli	**Article 50 : Safety measures related to dispensing operations of petroleum products**	**Article 50: Les mesures de sécurité liées aux activités de distribution de produits petroliers**
Ingingo ya 51 : Gutanga raporo y'ibizazane byabaye	**Article 51 : Reporting hazards**	**Article 51 : Signalement des dangers**
Icyiciro cya 2 : Gufata neza ibikoresho no gucunga ibyamenetse hasi	**Section 2 : Maintenance and spill management**	**Section 2 : Entretien et gestion des déversements**
Ingingo ya 52 : Gufata neza ibikoresho	**Article 52 : Maintenance of equipment**	**Article 52 : Entretien d'équipement**
Ingingo ya 53 : Kureba no kumenya niba ibikoresho biva	**Article 53 : Leaks detection**	**Article 53 : Détection des fuites**
Ingingo ya 54 : Imicungire y'ibikomoka kuri peteroli byamenetse	**Article 54 : Spill management**	**Article 54 : Gestion des déversements**
Ingingo ya 55 : Amahugurwa y'abakozi	**Article 55 : Training of personnel**	**Article 55 : Formation du personnel**
Ingingo ya 56: Kuvanaho sitasiyo	**Article 56 : Decommissioning of a petrol service station from operation**	**Article 56: Déclassement d'une station-service**
UMUTWE WA VI : IMITANGIRE Y'IMPUSHYA ZO KUDANDAZA IBIKOMOKA KURI PETEROLI KURI SITASIYO	**CHAPTER VI : LICENSING REGIME FOR RETAIL OF PETROLEUM PRODUCTS AT A PETROL SERVICE STATION**	**CHAPITRE VI: REGIME D'OCTROI DE LICENCE POUR LA VENTE AU DETAIL DES PRODUITS PETROLIERS DANS UNE STATION-SERVICE**
Ingingo ya 57: Gusaba uruhushya rwo kudandaza serivisi za sitasiyo	**Article 57 : Application for a retail license of a petrol service station**	**Article 57 : Demande de licence de vente au détail pour une station-service**
Ingingo ya 58 : Amafaranga yishyurwa ku ruhushya rwo kudandaza	**Article 58: Retail license fee**	**Article 58 : Frais de licence de vente au détail**
Ingingo ya 59 : Igihe uruhushya rwo kudandaza rumara	**Article 59: Validity for a retail license**	**Article 59 : Validité d'une licence de vente au détail**

Ingingo ya 60 : Inshingano z'uwahawe uruhushya rwo kudandaza sitasiyo	**Article 60: Obligation of a petrol service station retail licensee**	**Article 60 : Obligations d'un titulaire de licence de vente au detail pour une station – service**
Ingingo ya 61 : Kongera agaciro k'uruhushya rwo kudandaza	**Article 61: Renewal of a retail license**	**Article 61: Renouvellement d'une licence de vente au détail**
Ingingo ya 62: Guhererekanya uruhushya rwo kudandaza	**Article 62 : Transfer of a retail license**	**Article 62: Transfert d'une licence de vente au détail**
Ingingo ya 63: Ihagarikwa ry'uruhushya rwo kudandaza	**Article 63: Suspension of a retail license**	**Article 63 : Suspension d'une licence de vente au détail**
Ingingo ya 64: Ivanwaho ry'uruhushya rwo kudandaza	**Article 64: Revocation of a retail license**	**Article 64 : Révocation d'une licence de vente au détail**
Ingingo ya 65 : Gutesha agaciro uruhushya rwo kudandaza	**Article 65: Cancelation of a retail license**	**Article 65 : Annulation d'une licence d'installation**
Ingingo ya 66 : Kujurira	**Article 66 : Apeal**	**Article 66 : Recours**
UMUTWE WA VII: IKURIKIRANA N'ISHYIRWA MU BIKORWA	**CHAPTER VII: MONITORING AND ENFORCEMENT**	**CHAPITRE VII: SUIVI ET MISE EN EXECUTION**
Ingingo ya 67 : Ibisabwa mu gukurikirana ikoreshwa ry'uruhushya	**Article 67: License monitoring requirements**	**Article 67: Conditions d'inspection de licence**
Ingingo ya 68 : Ishyirwa mu bikorwa ry'ibiteganyijwe mu ruhushya	**Article 68 : License enforcement action**	**Article 68: Action de mise en application des termes de la licence**
Ingingo ya 69: Gusuzuma ibirego no gukemura amakimbirane	**Article 69 : Complaints handling and dispute resolutions**	**Article 69 : Traitement des plaintes et règlement des différends**
UMUTWE WA VIII : INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA	**CHAPTER VIII : TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VIII : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**
Ingingo ya 70 : Imishinga na za station ziriho ubungubu	**Article 70: Existing projects and Petrol service stations**	**Article 70: Projets et stations services existantes**
Ingingo ya 71 : Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza	**Article 71 : Repealing provision**	**Article 71 : Disposition abrogatoire**

Ingingo ya 72 : Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa	**Article 72: Commencement**	**Article 72 : Entrée en vigueur**
UMUGEREKA WA MBERE : AMAKOSA N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI	**ANNEX ONE : FAULTS AND ADMNISTRATIVES SANCTIONS**	**ANNEXE I : FAUTES ET SANCTIONS ADMINISTRATIVES**
UMUGEREKA WA KABIRI: AMAFARANGA ATANGWA KURI BURI SITASIYO	**ANNEX II: APPLICABLE FEES PER A SERVICE STATION**	**ANNEXE II: FRAIS APPLICABLES A UNE STATION – SERVICE**
UMUGEREKA WA GATATU: GUTUNGANYA AHAZASHYIRWA SITASIYO	**ANNEX III: SITE PLANNING FOR A PETROL SERVICE STATIONS**	**ANNEXE III: PLANIFICATION DU SITE POUR LES STATIONS-SERVICE**

AMABWIRIZA N°08/R/GP-EWS/RURA/2023 YO KU WA 24/02/2023 AGENGA UBURYO BWO GUSHYIRAHO, KUVUGURURA SITASIYO, NO GUCURUZA PETEROLI N'IBIYIKOMOKAHO MU RWANDA	**REGULATION N° 08/R/GP-EWS/RURA/2023 OF 24/02/2023 GOVERNING THE INSTALLATION, UPGRADE AND OPERATION OF PETROL SERVICE STATIONS IN RWANDA**	**REGLEMENT N° 08/R/GP-EWS/RURA/2023 DU 24/02/2023 REGISSANT L'INSTALLATION, LA RENOVATION ET L'OPERATION DES STATION- SERVICES AU RWANDA**
Inama Ngenzuramikorere ;	**The Regulatory Board;**	**Le Conseil de Régulation ;**
Ishingiye ku Itegeko Nº09/2013 ryo ku wa 01/03/2013 rishyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro (RURA) rikanagena inshingano, ububasha, imiterere, n'imikorere byarwo cyane cyane mu ngingo za ryo iya 2; iya 8; iya 10;iya 20; iya 30; iya 37; iya 47 n'iya 48;	Pursuant to Law Nº09/2013 of 01/03/2013 establishing Rwanda Utilities Regulatory Authority (RURA) and determining its mission, powers, organization and functioning, especially in Articles 2; 8; 10; 20; 30; 37; 47 and 48;	Vu la loi N° 09/2013 du 01/03/2013 portant création de l'Autorité Rwandaise de Régulation de certains services d'utilité publique au Rwanda (RURA) et déterminant sa mission, ses pouvoirs, son organisation et son fonctionnement, spécialement en ses articles 2 ; 8 ; 10 ; 20 ; 30 ; 37 ; 47 et 48 ;
Ishingiye ku Itegeko Nº85/2013 ryo ku wa 11/9/2013 rigenga ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho mu Rwanda ;	Pursuant to Law Nº85/2013 of 11/9/2013 regulating petroleum and petroleum products trade in Rwanda;	Vu la loi Nº85/2013 du 11/9/2013 régissant le commerce du pétrole et des produits pétroliers au Rwanda ;
Ishingiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe no131/03 ryo ku wa 10/05/2016 rigena urundi Rwego rugenzura ibikorwa by'ubucuruzi bwa peteroli n'ibiyikomokaho n'izindi nshingano zarwo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 2 n'iya 3;	Pursuant to Prime Minister's Order Nº131/03 of 10/05/2016 determining another Regulatory Authority for trade of petroleum and petroleum products and its additional responsibilities, especially in Articles 2 and 3;	Vu l'Arrêté du Premier Ministre Nº131/03 du 10/05/2016 déterminant une autre Autorité de Régulation du commerce du pétrole et des produits pétroliers et ses attributions supplémentaires, spécialement en ses articles 2 et 3 ;
Isubiye ku Mabwiriza N°003/R/GP-EWATSAN/RURA/2017 yo kuwa 4 Nzeri, 2017	Having reviewed the regulations N°003/R/GP-EWATSAN/RURA/2017 of 04th September,	Ayant revu le Règlement N°003/R/GP-EWATSAN/RURA/2017 du 04/09/2017

agenga uburyo bwo gushyiraho, kuvugurura no gucuruza peteroli n'ibiyikomokaho mu Rwanda; Ishingiye ku biganiro byakozwe mu nama nyunguranabitekerezo zabaye ku wa 26 Kanama 2021, ku wa 2 Nzeri 2021, ku wa 23 Nzeri 2021, ku wa 25 Ukwakira 2021 no ku wa 2 Ugushyingo 2021 ; Nyuma yo kuyasuzuma no kuyemeza mu nama yayo yateranye ku wa 24 Mutarama 2023 ; **ISHYIZEHO amabwiriza akurikira:**	2017 governing the installation, upgrade and operation of Petrol Service Stations in Rwanda; Based on the discussions made during the consultative meetings respectively held on 26th August 2021, 2nd September 2021, 23rd September 2021, 25th October 2021 and 02nd November 2021; After consideration and approval in its meeting of 24th January 2023; **HEREBY issues the following:**	régissant l'installation, la rénovation et l'exploitation des Stations –Services au Rwanda ; Sur base des discussions faites lors des réunions consultatives tenues respectivement le 26 août 2021, le 2 septembre 2021, le 23 septembre 2021, le 25 octobre 2021 et le 02 novembre 2021 ; Après considération et approbation dans sa session du 24 janvier 2023 ; **EDICTE le règlement suivant:**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES**
Ingingo ya Mbere: Icyo aya Mabwiriza agamije Aya Mabwiriza agamije gushyiraho amabwiriza agenga ishyirwaho, ivugururwa n'imikorere ya Sitasiyo zicuruza peteroli n'ibiyikomokaho n'inyubako mu Rwanda.	**Article One: Purpose of this Regulation** This regulation establishes a regulatory framework for the installation, upgrade and operation of petrol service stations in Rwanda.	**Article Premier : Objet du Présent Règlement** Le présent règlement a pour objet de mettre en place un cadre règlementaire pour l'installation, la rénovation et l'opération des stations-service au Rwanda.
Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo Muri aya Mabwiriza, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:	**Article 2 : Interpretation** In this regulation these terms have the following meanings:	**Article 2: Inteprétation des termes** Dans le présent règlement, les termes suivants ont les significations suivantes :

1. **" Uruhushya rwo kubaka " :** inyandiko yemewe n'amategeko itangwa n'Urwego rubifitiye ububasha, iha uburenganzira ufite icyangombwa cy'ubutaka kubwubakaho inyubako mu kibanza runaka ;	1. **"Construction Permit"**: a legal document delivered by a competent authority, authorizing a land document holder to construct a building on a particular plot;	1. **"Permis de construire" :** un document légal délivré par une autorité compétente, autorisant un titulaire de titre foncier d'ériger un bâtiment sur une parcelle particulière ;
2. **" Imashini itanga peteroli"** : uburyo bukoreshwa mu gupima ingano ya peteroli bugizwe n'ipompo imwe cyangwa nyinshi, za mubazi cyangwa itiyo imwe cyangwa nyinshi zikoreshwa mu guha peteroli imodoka;	2. **"Dispenser"**: a measuring system which consists of one or more pumps, meters and one or more hoses used to deliver fuel to a vehicle;	2. **"Distributeurs"** : un système de mesure qui se compose d'une ou plusieurs pompes, de compteurs et d'un ou plusieurs tuyaux utilisés pour fournir du carburant à un véhicule ;
3. **"Aho abakiriya bagurira peteroli "** bisobanura ububiko buri munsi y'ubutaka bucometseho imashini itanga peteroli ikoreshwa mu koroshya itangwa rya peteroli nyinshi;	3. **"Consumer site"** : underground storage tank connected to a dispenser with the purpose of facilitating supply of fuel in large quantity;	3. **" Site de consommation"** signifie un réservoir de stockage souterrain relié à un distributeur dans le but de faciliter l'approvisionnement en carburant en grande quantité ;
4. **Imihanda y'Uturere n'iy'Umujyi wa Kigali - Icyiciro cya mbere " :** imihanda y'Uturere n'iy'umujyi wa Kigali n'iy'utundi turere tw'umujyi – Icyiciro cya mbere bisobanura imihanda ihuza ibyicaro by'Imirenge inyuranye yo mu Karere kamwe, cyangwa imihanda ikoreshwa mu Murenge umwe;	4. **"District's and City of Kigali roads – class one**" refers to Districts and City of Kigali roads and that other urban areas – Class One shall be roads linking different Sectors' headquarters within the same District, or those roads that are used within the same Sector;	4. **" Routes de Districts et de la Ville de Kigali – classe une "** fait référence aux routes des Districts et de la Ville de Kigali et des autres zones urbaines – Classe Une sont les routes reliant les sièges de différents Secteurs au sein du même district, ou les routes qui sont utilisées dans le même secteur ;
5. **Imihanda y'Uturere n'iy'Umujyi wa Kigali - Icyiciro cya kabiri " :** imihanda y'Uturere n'iy'umujyi wa Kigali	5. "**District's and City of Kigali roads – class two"** refers to Districts and City of Kigali roads and that of other urban areas -	5. **" Routes du District et de la Ville de Kigali – classe deux "** fait référence aux routes des Districts et de la Ville de Kigali et à celles des autres zones urbaines - La Classe

n'iy'utundi turere tw'umujyi- Icyiciro cya kabiri bisobanura imihanda ihuza imihanda y'uturere n'amasantere atuwe nk'insisiro:	Class 2 shall be arterial roads that connect Districts roads to rural community centres that are inhabited as an agglomeration;	2 comprend les artères qui relient les routes des Districts aux centres communautaires ruraux qui sont habités en tant qu'agglomération ;
6. **" Sitasiyo za peteroli zisanzweho"** : sitasiyo za peteroli zubatse zikora cyangwa imishinga ifite uruhushya rwo gushinga sitasiyo ya peteroli rutangwa n'Urwego Ngenzuramikorere mbere y'ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza;	6. **"Existing Petrol service stations"** means Installed petrol service stations that has been under operation or projects having an installation licence issued by the Regulatory Authority before the commencement of this regulation;	6. **" Stations-service existantes"** désigne les stations-service installées qui ont été opérationnelles ou des projets ayant une licence d'installation délivrée par l'Autorité de Régulation avant l'entrée en vigueur du présent règlement ;
7. **" Ku rubuga" :** ahantu kuri sitasiyo hadasakaye hakoreshwa n'ibinyabiziga;	7. **"Forecourt"** means a circulation area in a service station outside the canopy used by vehicles;	7. **" Parvis"** désigne une aire de circulation dans une station-service en dehors de l'auvent utilisé par les véhicules ;
8. **"ikirenge cy'inzu " :** bisobanura ahantu hegereye inzu hapimwa uhereye ku gice cyo hanze cy'inzu;	8. **"Footprint"** means the area of a building measured from the outer surface of the exterior of the building;	8. **"Empreinte"** désigne la superficie d'un bâtiment mesurée à partir de la surface extérieure de l'extérieur du bâtiment ;
9. **" Ahantu hashobora guteza impanuka" :** ahantu hagenewe ibigega n'aho amapompo ahereye muri sitasiyo ya peteroli;	9. **"Hazardous area"** means tanks farm and dispensers location in a petrol station;	9. **"Zone dangereuse " s**ignifie le dépôt de réservoirs et l'emplacement des distributeurs dans une station-service ;
10. **" Gusuzuma hakoreshejwe uburyo bwo guhaga" :** gusuzuma ko ibigega	10. **"Pressure testing"** means the testing of fuel storage tanks and pipelines for strength	10. **"Essai par pression"** désigne l'essai de résistance et d'étanchéité des réservoirs de stockage de carburant et des conduites au

bibikwamo peteroli n'amatiyo bikomeye cyangwa bitava hakoreshwa uburyo bwo kubihagamo umwuka cyangwa kubishyiramo amazi;	and leaks by means of a pneumatic or water pressure;	moyen d'une pression pneumatique ou hydraulique ;
11. **" Igikoresho gifata amazi " :** igikoresho gishyirwa mu nzira itwara amazi yo hejuru y'ubutaka kugira ngo gitandukanye ibikomoka kuri peteroli kandi kibibuze kwinjira mu miferege rusange itwara amazi, za ruhurura cyangwa inzira z'amazi ;	11. **"Interceptor"** means a unit installed in a surface water drainage system to separate out any petroleum product and thus prevent it reaching public drains, sewers or water courses;	11. **" Intercepteur "** signifie une unité installée dans un système de drainage des eaux de surface pour séparer tout produit pétrolier et ainsi l'empêcher d'atteindre des fosses publiques de drainage, des égouts ou des cours d'eau ;
12. **" Amabwiriza y'Umuryango Mpuzamahanga utsura Ubuziranenge (ISO) " :** amabwiriza yateguwe n'impuguke kabuhariwe mu mabwiriza mpuzamahanga kugira ngo ashyireho ibisabwa, ibyangombwa byihariye, imirongo ngenderwaho cyangwa imiterere ndangakamere bishobora kwifashishwa buri gihe mu kugenzura ko ibikoresho, ibicuruzwa, uburyo bukoreshwa na serivisi zitangwa bihura neza n'icyo byagenewe ;	12. **"International Standardization Organization (ISO) standard"** means standard developed by the largest developer of voluntary international standards to provide requirements, specifications, guidelines or characteristics that can be used consistently to ensure that materials, products, processes and services are fit for their purpose;	12. **Norme de l'Organisation Internationale de Normalisation (ISO) :** norme élaborée par le plus grand développeur de normes internationales volontaires pour fournir des exigences, des spécifications, des directives ou des caractéristiques qui peuvent être utilisées d'une manière cohérente pour s'assurer que les matériaux, les produits, les processus et les services sont adaptés à leur but ;
13. **"Icyangombwa cy'ubutaka "** : inyandiko yemewe n'amategeko itangwa n'Urwego rubifitiye ububasha yerekana nyiri ubutaka;	13. **"Land document"** means a legal document issued by a competent authority indicating the owner of the land;	13. **"Titre foncier"** signifie un document légal délivré par une autorité compétente indiquant le propriétaire du terrain ;

14. " Uruhushya " : inyandiko yemewe n'amategeko itangwa n'Urwego Ngenzuramikorere yemerera umucuruzi gukora igikorwa icyo ari cyo cyose gifitanye isano no gushyiraho inyubako, kuvugurura sitasiyo itanga ibikomoka kuri peteroli no kubidandaza;	**14. "License"** means a legal document issued by the Regulatory Authority allowing an operator to conduct any activity related to installation, upgrade a service station and retail of petroleum products;	**14. " Licence"** signifie un document légal délivré par l'Autorité de Régulation permettant à un opérateur de mener toute activité liée à l'installation, à la rénovation d'une station-service et à la vente au détail de produits pétroliers ;
15. " Uwahawe uruhushya" ufite uruhushya yahawe hakurikijwe aya mabwiriza ;	**15. "Licensee"** means the owner of a license issued under this regulation;	**15. " Titulaire de la licence "** signifie le propriétaire d'une licence octroyée en vertu du présent règlement ;
16. "Umuhanda wo ku rwego rw'igihugu" imihanda iri muri byiciro bikurikira: **a)** Imihanda mpuzamahanga ihuza u Rwanda n'ibihugu bihana imbibi; **b)** Imihanda ihuza uturere cyangwa ihuza uturere n'Umujyi wa Kigali; **c)** Imihanda ihuza ahantu nyaburanga hakomeye n'ibikorwaremezo bifite akamaro ko ku rwego rw'igihugu cyangwa ko ku rwego mpuzamahanga nk'ibyambu cyangwa ibibuga by'indege;	**16. "National Road"** refers to roads comprising the following categories : a) International roads that link Rwanda with neighbouring countries; b) Roads that link Districts or that link a District and the City of Kigali; c) Roads that link areas of tourist significance and facilities of national or international importance such as ports and airports.	**16. " Route Nationale "** désigne les routes comprenant les catégories suivantes : a) Les routes internationales qui relient le Rwanda aux pays voisins ; b) Les routes qui relient les Districts ou qui relient un District avec la Ville de Kigali ; c) Les routes qui relient les zones d'importance touristique et les infrastructures d'importance nationale ou internationale telles que les ports et les aéroports.
17. " Umupira ukoreshwa batanga peteroli " umutwe w'umupira ugenzura igipimo cya peteroli mu	**17. "Nozzle"** means a device for controlling the flow of fuel during a dispensing operation;	

gikorwa cyo gutanga peteroli n'ibiyikomokaho ;		**17. "Buse"** signifie un dispositif pour contrôler le flux de carburant pendant une opération de distribution ;
18. " Uruhombo runyuramo peteroli ruri ahitaruye" uruhombo runyuzwamo peteroli ruyivana mu kigega rukayigeza aho rucomekwa ku ikamyo ifite ikigega kiriho itiyo peteroli inyuramo;	**18. "Off-set filling pipe"** means a filling pipe from a tank to an offloading point for a road tanker delivery hose;	**18. "Tube de remplissage à distance "** signifie un tuyau de remplissage allant d'un réservoir à un point de déchargement d'une manche de livraison de camion-citerne ;
19. " Umuntu" bisobanura umuntu ku giti cye, ikigo gifite ubuzimagatozi, isosiyete, isosiyete y'abanyamigabane, isosiyete y'ubucuruzi harimo Isosiyete y'Ubucuruzi ya Leta, Ubufatanye mu mirimo igamije inyungu butari isosiyete, Isosiyete ifite Uburyozwe bufite aho bugarukira cyangwa Ishyirahamwe ;	**19. "Person"** includes an individual, entity, firm, joint stock company, corporation including Government corporation, partnership, limited liability company or association;	**19. "Personne"** : une personne physique, une entité, une entreprise, une société par actions, une société, y compris une société publique, un partenariat, une société à responsabilité limitée ou une association ;
20. " Ibikomoka kuri peteroli ": birimo Lisansi, Mazutu na peteroli ;	**20. "Petroleum product"** includes Gasoline, Diesel, and Kerosene;	
21. " Ibaruwa y' inama zitangwa mbere ": ibaruwa itangwa n'Urwego Ngenzuramikorere nyuma yo gusuzuma ikibanza kizashyirwamo umushinga wa sitasiyo icuruza peteroli igira inama usaba uruhushya zimufasha gutunganya umushinga we kugeza igihe aherewe uruhushya rwo gushyiraho sitasiyo icuruza peteroli	**21. "Pre-consultation letter"** means a letter issued by the Regulatory Authority after assessment of the plot (s) proposed for a service station project in order to guide the applicant for further process which eventually leads to the issuance of the	**20. "Produit pétrolier"** : l'essence, le diesel et le kérosène ; **21. " Lettre de consultation préalable "** signifie une lettre émise par l'Autorité de Régulation après évaluation du ou des terrain(s) proposé(s) pour un projet de station-service afin de guider le demandeur

amaze kuzuza ibisabwa byose nk'uko bikubiye muri aya mabwiriza ;	installation license after meeting all requirements provided in this regulation;	pour la suite du processus qui aboutit finalement à la délivrance de la licence d'installation après satisfaction de toutes les conditions prévues dans le présent règlement ;
22. "Urwego Ngenzuramikorere": Urwego rw'igihugu rushinzwe kugenzura inzego z'imirimo ifitiye igihugu akamaro ;	**22. "Regulatory Authority"** means the National organ with the mandate to regulate public utilities;	**22. "Autorité de Régulation"** signifie l'Organe National chargé de règlementer certains services d'utilité publique ;
23. "Inzu yo guturamo" : inzu yagenewe cyangwa yafashwe cyangwa ikoreshwa mu kuyituzamo abantu. Muri bene izo nzu harimo amacumbi n'ingo zituwemo gusa ;	**23. "Residential house"** means a building thereof designed or adopted or used for human habitation. This includes only apartments and household buildings;	**23. "Maison d'habitation"** signifie un bâtiment conçu ou adopté ou utilisé pour l'habitation humaine. Cela inclut uniquement les appartements et les immeubles résidentiels ;
24. "Ihuriro ry'Imihanda" : Ihuriro iryo ari ryo ryose ry'imihanda ibiri byibura yo mu byiciro bimwe cyangwa binyuranye bikurikira: a) Umuhanda wo ku rwego rw'Igihugu ; b) Imihanda y'Uturere n'iy'Umujyi wa Kigali – icyiciro cya mbere; c) Imihanda y'Uturere n'iy'Umujyi wa Kigali – icyiciro cya kabiri.	**24. "Roads junction"** means any intersection of at least two roads with same or different categories of the followings: a) National Road; b) District's and City of Kigali roads – class one; c) District's and City of Kigali roads – class two.	**24. " Carrefour"** signifie toute intersection d'au moins deux routes de catégories identiques ou différentes suivantes : a) Route Nationale; b) Routes de District et de la Ville de Kigali – première classe ; c) Routes de District et de la Ville de Kigali – deuxième classe ;
25. " Amabwiriza y'Ubuziranenge yo mu Rwanda (RS) " : amabwiriza y'ubuziranenge yo mu Gihugu afatwa nk'ibyangombwa ibicuruzwa bigomba	**25. "Rwanda Standard (RS)"** means a national standard which is the specification	

kuba byujuje cyangwa amabwiriza y'imikorere yatangajwe n'Urwego rubifitiye ububasha; **26. "Ahantu ho kwitondera" :** harimo ahantu hahurira abantu benshi nko ku bitaro, ibigo nderabuzima, amashuri, amagereza, inzibutso, inzu ndangamurage z'igihugu n'ahandi hantu hahurira abantu benshi ku buryo urutonde rwaho rushobora kujya ruhuzwa n'igihe bikozwe n'Urwego Ngenzuramikorere; **27. "Amashuri":** bisobanura inyubako za leta cyangwa z'abikorera zemewe n'inzego zibifitiye ububasha zubatswe kugirango zikorerwemo imirimo y'amashuri kandi zikoreshwa iyo mirimo. Izi nyubako zigizwe n'ibigo by'amashuri y'inshuke, amashuri abanza, amashuri yisumbuye, ibigo by'amahugurwa n'ibigo by'amashuri ya kaminuza; **28. "Ibitaro/Ibigo Nderabuzima" :**inyubako za leta cyangwa z'abikorera zigenewe gukorerwamo ibikorwa by'ubuvuzi. Ibi bikorwaremezo bigomba kuba byarubakiwe kubikoreramo ibikorwa bijyanye no kuvura abantu kandi bikaba	or code of practice declared by the competent Authority; **26. "Sensitive area"** includes public areas such as hospitals, health centers, schools, prisons, memorial sites, national museums and other public areas as may be updated from time to time by the Regulatory Authority; **27. "Schools"** refers to public or private buildings accredited by competent authorities and were constructed with the purpose of school activities and are used for such purpose. These are pre-primary, primary, secondary, training centres and higher learning institutions; **28. "Hospitals/Health centers"** means public or private buildings designated for medical care activities. These facilities must have been constructed with purpose of health	**25. " Norme du Rwanda (RS) "** signifie une norme nationale qui est la spécification ou le code de pratique déclaré par l'Autorité compétente ; **26. " Zone sensible "** comprend les lieux publics comme les hôpitaux, les centres de santé, les sites mémoriaux, les musées nationaux et d'autres lieux publics dont la liste peut être mise à jour de temps à autre par l'Autorité de Régulation ; **27. "Ecoles"** fait référence aux bâtiments publics ou privés accrédités par les autorités compétentes et qui ont été construits dans le but d'activités scolaires et sont utilisés à cette fin. Il s'agit des écoles maternelles, des écoles primaires, des écoles secondaires, des centres de formation et des établissements d'enseignement supérieur ; **28. "Hôpitaux/Centres de santé "** désigne les bâtiments publics ou privés destinés aux activités de soins médicaux. Ces infrastructures doivent avoir été construites dans le but d'activités de soins de santé et

bikoreshwa imirimo yo gucumbikira no kuvura abarwayi;	care activities and are used in accommodating and treating patients;	sont utilisées pour héberger et traiter des patients ;
29. " Inyubako y'aho ibinyabiziga bihindurirwa amavuta": igice cy'inyubako ya sitasiyo itanga ibikomoka kuri peteroli aho ibinyabiziga bihindurirwa amavuta abobeza kandi bigakorerwa imirimo yo kubisana yoroheje;	**29. "Service bay"** means a facility of service station where cars are serviced with lubricants and minor repairs;	**29. " Emplacement d'entretien "** signifie une partie de la station-service où se fait l'entretien des voitures avec des lubrifiants et des réparations mineures ;
30. " Sitasiyo itanga ibikomoka kuri peteroli ": igikorwaremezo gifite ubushobozi buhagije bwo kubika ibikomoka kuri peteroli mu bigega byo munsi y'ubutaka, kandi buri kigega kikaba gifite ubushobozi bwo kubikwamo ibikomoka kuri peteroli bitarenze metero kibe mirongo itandatu (60 m^3) kandi kikagira ubushobozi bwose hamwe bwo kubika ibikomoka kuri peteroli butarenze metero kibe ijana na mirongo itanu (150 m^3), no kubiha ababigura bwa nyuma;	**30. "Petrol service station"** means a facility that offers sufficient capabilities to handle the storage of petroleum products in underground tanks, of individual tank capacity not exceeding 60 m^3 and offering a total storage capacity not exceeding 150 m^3, and dispensing them to end consumers;	**30. " Station-service Pétrole"** signifie une infrastructure qui offre des capacités suffisantes pour gérer le stock de produits pétroliers dans des réservoirs souterrains, d'une capacité individuelle n'excédant pas 60 mètres cubes (60 m^3) et offrant une capacité de stockage totale ne dépassant pas cent cinquante mètres cubes (150 m^3), et de les distribuer aux derniers consommateurs ;
31. " Kuvugurura ": kwimura ibigega bisanzweho, gushyiraho ibindi bigega, gusimbura ibigega no guhindura cyangwa kwimura igisenge n'ibindi bikorwa remezo biri mu kibanza cya Sitasiyo itanga ibikomoka kuri peteroli;	**31. "Upgrade"** means relocation of existing storage tanks, installation of additional storage tanks, replacement of storage tanks, modification or relocation of canopy and	**31. "Rénovation "** désigne le déplacement des réservoirs de stockage existants, l'installation de réservoirs de stockage supplémentaires, le remplacement des réservoirs de stockage, la modification ou le

32. "Uburyo bw'iringaniza ry'umwuka": uburyo butuma umwuka ucumba uturuka mu bigega bibitsemo peteroli mu gihe cyo kuyigemura ipakururwa mu ikamyo ifite ikigega ubasha kwerekezwa muri iyo kamyo unyuze mu ruhombo rusubizayo uwo mwuka.	any other facilities located within the plot of the Petrol Service Station; **32. "Vapor balancing system"** means a system which allows vapor displaced from storage tanks during delivery of petrol from a road tanker to be directed to that tanker via a vapor return hose.	déplacement de l'auvent et de toute autre infrastructure située dans l'enceinte de la Station-service ; **32. "Système d'équilibrage de vapeur"** signifie un système qui permet à la vapeur déplacée des réservoirs de stockage lors de la livraison d'essence d'un camion-citerne d'être dirigée vers ce camion-citerne via un tuyau de retour de vapeur.
<u>UMUTWE WA II</u>: GUSHYIRAHO NO KUBAKA SITASIYO ITANGA IBIKOMOKA KURI PETEROLI	**<u>CHAPTER II</u>: INSTALLATION AND CONSTRUCTION OF A SERVICE STATION**	**<u>CHAPITRE II</u> : INSTALLATION ET CONSTRUCTION D'UNE STATION-SERVICE**
<u>Icyiciro cya Mbere</u> : Ibigize Sitasiyo zicuruza peteroli n'ibiyikomokaho n'ibiranga ikibanza ishyirwamo	**<u>Section One</u>: Composition of a petrol service station and its plot specifications**	**<u>Section première</u> : Composition d'une station-service et les spécifications de sa parcelle ;**
<u>Ingingo ya 3 :</u> Ibigize sitasiyo icuruza peteroli n'ibiyikomokaho Igishushanyombonera cya sitasiyo icuruza peteroli n'ibiyikomokaho gikorwa hakurikijwe amabwiriza y'ubuziranenge yo mu rwego rw'Igihugu ariho kandi kigomba kuba kigaragaza byibura ibi bice bikurikira : **1.** Imbuga y'irembo; **2.** Agace kagenewe gushyirwamo ibigega;	**<u>Article 3</u>: Composition of a petrol service station** A service station layout shall be designed in accordance to existing National Standards and composed of but not limited to the following structures: **1.** Forecourt; **2.** Tank farm; **3.** Drainage system;	**<u>Article 3</u> : Composition d'une station-service** Un plan de station-service doit être conçu conformément aux normes nationales existantes et doit être composé, mais sans se limiter aux structures suivantes : **1.** Le parvis ; **2.** Le parc de réservoirs ; **3.** Le système de drainage ;

3. Inzira itwara amazi; **4.** Agace k'ibiro; **5.** Ibyumba by'ubwiherero rusange; **6.** Igisenge; **7.** Inzu y'imashini itanga amashanyarazi; **8.** Uruzitiro; **9.** Aho binjirira n'aho bashohokera. Ibindi bikorwaremezo byubakwa mu kibanza cy'umushinga wa sitasiyo icuruza peteroli n'ibiyikomokaho bijyanye nawo.	**4.** Office block; **5.** Public sanitary wash rooms; **6.** Canopy; **7.** Generator house; **8.** fence; **9.** Entrances and Exits. Any other facilities within the plot of the petrol service station project is part thereof.	**4.** Le block des bureaux ; **5.** Les toilettes sanitaires publiques ; **6.** Le toit ; **7.** La maison du groupe électrogène ; **8.** La clôture ; **9.** Les entrées et les sorties. Toutes autres infrastructures à l'intérieur de la parcelle du projet de station-service qui en font partie.
<u>Ingingo ya 4</u> : Ikibanza cyubakwamo sitasiyo icuruza peteroli n'ibiyikomokaho Ikibanza cyose giteganyijwe kubakwamo sitasiyo icuruza peteroli n'ibiyikomokaho kigomba kuba cyujuje ibi bikurikira : **1.** Kugira igishushanyombonera cy'aho hantu ; **2.** Kubahiriza Itegeko ryerekeye kubungabunga ibidukikije ; **3.** Gukurikiza amategeko n'amabwiriza agenga Imyubakire mu Rwanda ; **4.** indi mirongo igenderwaho, amabwiriza n'ibipimo ngenderwaho.	**<u>Article 4:</u> Plot Reserved for construction of a service station** Any plot planned for construction of a service station complies with the following requirements: **1.** the master plan of that particular area; **2.** the environment law; **3.** Rwanda building code; **4.** Other relevant rules, regulations and standards.	**<u>Article 4 :</u> Parcelle prévue pour la construction d'une station-service** Toute parcelle prévue pour la construction d'une station-service doit se conformer aux conditions suivantes : **1.** Le plan directeur de cette zone particulière ; **2.** La loi sur la protection de l'environnement ; **3.** Le Code de Construction du Rwanda, **4.** Autres règles, règlements et normes y relatifs.
<u>Ingingo ya 5 :</u> Ubuso bwo kubakamo sitasiyo icuruza petrol n'ibiyikomokaho	**<u>Article 5:</u> Plot size of a service station**	**<u>Article 5 :</u> Superficie d'une station-service**

Ingano ikibanza cyo kubakamo sitasiyo icuruza ibikomoka kuri peteroli kitajya munsi ni ubuso bungana nibura na metero kare igihumbi na magana abiri (1.200m^2) kuri sitasiyo idafite aho bahindurira amavuta y'ibinyabiziga na metero kare igihumbi na magana atanu (1.500 m^2) kuri sitasiyo ifite aho bahindurira amavuta y' ibinyabiziga.	The minimum plot size of any service station is at least 1,200 m^2 for a service station without a service bay and 1,500m^2 with a service bay.	La superficie minimale de la parcelle d'une station-service doit être d'au moins mille deux cent mètres carrés (1 200 m^2) pour une station-service sans emplacement d'entretien de véhicule et mille cinq cent mètres carrés (1500 m^2) pour une station-service avec emplacement d'entretien de véhicule.
Uruhande rw'ikibanza rureba ku muhanda rugomba kuba rufite byibura uburebure bwa metero 30.	The minimum frontage of the plot shall not be less than 30 meters.	La façade minimale de la parcelle ne doit pas être inférieure à 30 mètres.
Mu rwego rwo kubahiriza ibivugwa muri iki gika, hashobora kubaho umwihariko, ku byitabwaho bimaze kwemezwa n'Urwego Ngenzuramikorere ku bufatanye n'inzego z'ibanze bireba kubera impamvu zikurikira :	For the purpose of the preceeding paragraph, a special consideration may be approved by the Regulatory Authority in collaboration with the concerned local authorities for the following reasons:	Aux fins du précédent alinéa, un traitement particulier peut être approuvé par l'Autorité de Régulation en collaboration avec les autorités locales concernées pour les raisons suivantes :
1. Imiterere y'aho icyo kibanza kiri itorohereza kubaka kubera imiterere y'imisozi ihanamye mu bice byihariye by'icyaro ;	**1.** Due to geographical conditions of the site that are not conducive due to the hilly landscape in specified rural areas;	**1.** Des conditions géographiques du site qui ne sont pas favorables en raison du paysage montagneux dans certains milieux ruraux ;
2. Bitewe n'uburyo hakenewe kugezwa ibikomoka kuri peteroli mu duce twihariye tw'Igihugu hagamijwe guteza imbere imibereho myiza y'abaturage.	**2.** Due to the need of accessibility and availability of petroleum products in a specific area of the country to improve population welfare.	**2.** En raison du besoin d'accessibilité et de disponibilité des produits pétroliers dans certaines régions du pays pour améliorer le bien-être de la population.

<u>Icyiciro cya 2</u> : Imiterere n'ishyirwaho ry'ibikoresho n'ibisabwa mu rwego rw'umutekano kuri sitasiyo icuruza peteroli n'ibiyikomokaho	**<u>Section 2</u> : Design, installation of equipment and safety requirements at a petrol service station**	**<u>Section 2 :</u> Conception, installation des équipements et condtions de sécurité dans une station-service**
<u>Ingingo ya 6 :</u> Ahashyirwa ibigega by'ububiko Ibigega by'ububiko bigomba gushyirwa munsi y'ubutaka kandi bigatandukanywa n'imbuga y'irembo rya sitasiyo, ahatari munsi y'igisenge kandi hatari mu mbago z'ahagenewe umuhanda. Buri cyumba cy'ikigega kirimo ibikomoka kuri peteroli kigomba gucomekwaho imiyoboro ijyanamo peteroli n'ibiyikomokaho, iyo kubivoma n'iyo kwinjizamo akayaga. Uruhombo rwinjiza peteroli mu kigega rugomba kumanurwa imbere ku ntera itari munsi ya milimetero magana ane (400 mm) uvuye ku ndiba y'ikigega.	**<u>Article 6 :</u> Location of storage tanks** The storage tanks is located underground separated from forecourts, not under canopy and not within the road reserve. Each compartment of the tank is fitted with connections for filling, discharging and venting. The filling pipe is carried down inside the tank to not less than 400mm from the bottom of the tank.	**<u>Article 6 :</u> Emplacement des réservoirs de stockage** Les réservoirs de stockage doivent être situés sous le sol et être séparés du parvis, et pas sous le toit ni dans la réserve de la route. Chaque compartiment du réservoir doit être équipé de branchements pour le remplissage, la décharge et la ventilation. Le tuyau de remplissage doit être acheminé à l'intérieur du réservoir à au moins quatre cents millimètres (400 mm) du fond du réservoir.
<u>Ingingo ya 7:</u> Gushyiraho ibigega by'ububiko Ibigega ntibigomba gushyirwa mu butaka burimo ibumba. Bigomba gushyirwa ku bikoresho bitanyerera nk'umucanga wumutse mu kinogo gihomesheje isima n'umucanga ku nkuta cyangwa se amabuye mu rwego rwo kurinda ikigega kugira umugese.	**<u>Article 7:</u> Installation of storage tanks** Tanks are not installed directly in a clay soil. They are placed on an inert material such as dry sand and in a concrete or stones walled ditch to avoid corrosion.	**<u>Article 7:</u> Installation de réservoirs de stockage** Les réservoirs ne doivent pas être installés directement dans un sol argileux. Ils doivent être placés sur une matière inerte telle que du sable sec et dans un fossé en béton ou en paroi de pierres pour éviter la corrosion.

Imirimo yose yo gucukura igomba gukorwa mu buryo bwabanje kwemezwa kugira ngo hubahirizwe amabwiriza yo kubungabunga ubuzima n'umutekano ku kazi n'amabwiriza yo ku rwego rw'Igihugu nka RS 141-1 na RS 183. Imyobo yifashishwa mu kugenzura ibigega biri munsi y'ubutaka igomba kuba yubakiwe kandi igashyirwaho hakurikijwe amabwiriza ya RS 141-1 cyangwa andi mabwiriza mpuzamahanga abigenga mu rwego rwo korohereza abafata ibipimo no kugenzura ahatabye ibigega by'ububiko mu rwego rwo kumenya niba ibisukika bihunitse mu bigega bishobora kuva.	All excavations are carried out in an approved manner to comply with the relevant occupational health and safety standards and national standards such as RS 141-1 and RS 183. Observation wells are designed and installed in accordance with RS 141-1 standard or any other applicable international standard in order to facilitate easy collection of samples and check conditions in the excavation to determine whether there may be a leak.	Tous les travaux d'excavations doivent être effectués d'une manière approuvée afin de se conformer aux normes de santé et de sécurité au travail et aux normes nationales telles que RS 141-1 et RS 183. Les puits d'observation doivent être conçus et installés conformément à la norme RS 141-1 ou à toute autre norme internationale applicable afin de faciliter la collecte des échantillons et de vérifier les conditions de l'excavation afin de déterminer s'il peut y avoir une fuite.
Ingingo ya 8: Imiterere y'ibigega by'ububiko biri munsi y'ubutaka Ibigega by'ububiko biri munsi y'ubutaka bitegurirwa igishushanyombonera, bigakorwa, bikagenzurwa kandi bigakorerwa isuzuma hakurikijwe amabwiriza yo ku rwego rw'Igihugu cyangwa andi mabwiriza mpuzamahanga yerekeye ibikomoka kuri peteroli nka API 650, RS 141 -1 cyangwa andi mabwiriza ayo ari yo yose yemejwe na RSB. Ibigega by'ububiko bwa peteroli bigomba nibura kuba byubatse ku buryo bigira urukuta rumwe rukozwe mu gikoresho cya karubone	**Article 8: Design of underground storage tanks** Underground storage tanks are designed, manufactured, inspected and tested in accordance with national standard or any relevant international petroleum products standards such as API 650, RS 141 -1 or any other standards adopted by RSB. The storage tanks have at least a single-walled of rolled carbon or mild steel plate or fiber-reinforced resin material and shall comply with	**Article 8: Conception des réservoirs de stockage souterrains** Les réservoirs de stockage souterrains doivent être conçus, fabriqués, inspectés et testés conformément à la norme nationale ou à toutes les normes internationales applicables aux produits pétroliers tels que l'API 650, RS 141-1 ou toute autre norme adoptée par RSB. Les réservoirs de stockage doivent avoir au moins une paroi unique en carbone laminé ou en tôle d'acier doux ou en résine renforcée de fibres

cyangwa mu ibati ry'icyuma cyoroshye cyangwa cyometseho ishangi rikomejwe n'indodo kandi bigomba kuba byujuje ibisabwa n'amabwiriza y'Igihugu ajyanye n'ibikoresho bibikwamo ibikomoka kuri peteroli.	relevant national standards on petroleum equipment.	et doivent se conformer aux normes nationales applicables relatives aux équipements pétroliers.
<u>Ingingo ya 9 :</u> Gushyiraho imiyoboro n'ibitembo by'ubuhumekero Ibitembo by'ubuhumekero bigomba kuba bifite umurambararo w'imbere ungana nibura na milimetero mirongo itanu (50 mm) kandi ibyo bitembo ntibigomba kwerekezwa hasi.	**<u>Article 9:</u> Installation of pipelines and vent pipes** The vent pipes are of internal diameter of at least 50 mm and the discharge is not vertically downwards.	**<u>Article 9 :</u> Installation de canalisations et tuyaux de ventilation** Les tuyaux de ventilation doivent avoir un diamètre interne d'au moins cinquante (50 mm) et la décharge ne doit pas être dirigée vers le bas.
Imiyoboro ituruka mu bigega by'ububiko igana aho ibikomoka kuri peteroli bishyirirwa mu binyabiziga, ipompo zifite mubazi, imashini itanga peteroli kandi n'ibitembo by'ubuhumekero bigomba gushyirwa munsi y'ubutumburuke bw'ubutaka ariko ntibibe munsi y'inyubako cyangwa ibindi biyabangamira kugera ku bujyakuzimu bwa milimetero magana atatu (300 mm).	The pipelines from tanks to off-set filling points, metering pumps, dispensers and vent pipes must be routed below the ground surface not under buildings or other obstructions at a depth of 300 mm.	Les conduites reliant les réservoirs aux points de remplissage décalés, les pompes doseuses, les distributeurs et les conduits de ventilation doivent être acheminées sous la surface du sol et non sous des bâtiments ou autres obstacles à une profondeur de trois cent millimètres (300 mm).
Ibitembo by'ubuhumekero bigomba kuba ku rugero rusumba igipimo cyo hejuru gishoboka cy'ibisukika biri mu ikamyo iyo ariyo yose ifite ikigega iri buvomere peteroli mu bindi bigega byegeranye kandi bigomba gushyirwaho hakurikijwe amabwiriza	The vent pipes extend to a height greater than the maximum liquid level in any road tanker likely to deliver petrol to associated tanks and install in accordance with relevant national and international standard such as RS 141-1.	Les tuyaux de ventilation doivent s'étendre jusqu'à une hauteur supérieure au niveau maximal de liquide dans n'importe quel camion-citerne susceptible d'acheminer du carburant vers les réservoirs associés et doivent être installés conformément à la norme nationale et internationale en matière telle que RS 141-1.

y'ubuziranenge yo ku rwego rw'Igihugu n'ayo ku rwego mpuzamahanga nka RS 141-1. Intera y'imyenge y'ubuhumekero igomba byibura kuba ingana na: a) Milimetero 600 hejuru y'igisenge biteganye mu mbibi z'ahantu hashobora guteza impanuka; b) Metero 3.5 hejuru y'ubutaka; c) Metero 1.5 uvuye ku rugi, ku idirishya cyangwa undi mwenge ufunguye uri mu nyubako; d) Metero 3 uvuye ku mwenge w'aho umwotsi usohokera, ahantu hose hari ubushyuhe cyangwa aho ariho hose hashobora guturuka umuriro.	The distance of vent outlets must be located at least at: a) 600 mm above adjacent roof level within the high risk zone; b) 3.5 m above ground level; c) 1.5 m from any door, window, or other opening in a building; d) 3 m from any chimney opening, any hot surface or any source of ignition.	La distance des bouches d'aération doit être située à au moins : a) 600 mm au-dessus du niveau du toit adjacent dans la zone à risque; b) 3,5 m au-dessus du niveau du sol ; c) 1,5 m de toute porte, fenêtre ou autre ouverture dans un bâtiment ; d) 3 m de toute ouverture de cheminée, toute surface chaude ou sur toute source d'inflammation.
<u>Ingingo ya 10:</u> Ibyangombwa ibitembo bigomba kuba byujuje Imiterere y'amatiyo, uko akozwe n'uko ashyirwaho bigomba gukurikiza amabwiriza ya RS 141 -1 cyangwa aya ISO 7-1, ISO 7-2 cyangwa andi mabwiriza y'ubuziranenge mpuzamahanga n'ayo mu karere akurikizwa ku bikoresho bijyamo peteroli n'ibiyikomokaho. Aho ibitembo bikururira hose hagomba gushyirwa uburyo bwo gufunga kugira ngo peteroli cyangwa ibiyikomokaho bidasubira	**<u>Article 10:</u> Pipes specifications** The design, manufacturing and installation of tubes for pipe work comply with RS 141 -1 or ISO 7-1, ISO 7-2 or any other relevant regional or international standards on petroleum equipment. A check valve is fitted in each suction pipeline to restrain the fallback of petroleum product to the tank compartment between delivery	**<u>Article 10</u>: Spécifications des tuyaux** La conception, la fabrication et l'installation de tubes pour tuyauterie doivent être conformes aux normes RS 141-1 ou ISO 7-1, ISO 7-2 ou à toute autre norme régionale ou internationale en matière sur les équipements pétroliers. Un clapet anti-retour doit être monté dans chaque canalisation d'aspiration pour empêcher le produit pétrolier de retomber dans le

inyuma mu cyumba cy'ikigega mu gihe cyo gutanga peteroli cyangwa ibiyikomokaho cyangwa mu gihe kirekire ibikorwa byo gutanga peteroli bimara bifunze.	operations or during prolonged shut down of the system.	compartiment de réservoir entre les opérations de livraison ou pendant l'arrêt prolongé du système.
<u>Ingingo ya 11</u>: Gusuzumira aho sitasiyo yubatse ko itava Uwahawe uruhushya aha Urwego Ngenzuramikorere icyemezo kigaragaza ko mbere yo gukora hakozwe isuzuma ry'uko sitasiyo yose itava hakoreshejwe uburyo bwo gusuzuma bwemewe.	**<u>Article 11</u>: In-situ leak testing** The licensee provides to the Regulatory Authority with a certificate stating that a full system pressure leak test in accordance with an approved test method has been carried out before operation.	**<u>Article 11 :</u> Test d'étanchéité in-situ** Le titulaire de licence fournit à l'Autorité de Régulation un certificat attestant qu'un test de fuite de pression du système complet a été effectué avant la mise en service conformément à une méthode de test approuvée.
<u>Ingingo ya 12 :</u> Gushyiraho imashini zitanga peteroli n'ibiyikomokaho Gushyiraho imashini zitanga peteroli n'ibiyikomokaho bigomba gukurikiza amabwiriza y'uruganda rwazikoze n'ibipimo by'ubuziranenge bigenga ibikoresho byagenewe kwifashishwa ahantu hashobora kuba ibintu biturika. Nyuma yo gushyiraho imashini zitanga peteroli n'ibiyikomokaho, uwahawe uruhushya agomba kugenzura ko izo mashini n'uburyo bwo gusunika peteroli, ibitembo, umunwa w'umupira hamwe n'uburyo bwo gufunga bujyana nabyo byagenzuwe ko nta na hamwe biva mbere y'uko bitangira gukoreshwa mu gutanga ibikomoka kuri peteroli.	**<u>Article 12 :</u> Installation of dispensers** The installation of dispensers must comply with the manufacturer's instructions and comply with relevant standards on equipment designed for use in explosive atmosphere. After the installation of dispensers, the licensee must ensure that the dispensers and pumping units, hoses, nozzles together with associated valves are checked for leaks before any service operation.	**<u>Article 12</u> : Installation des distributeurs** L'installation des distributeurs doit se conformer aux instructions du fabricant et aux normes appropriées concernant les équipements conçus pour être utilisés dans une atmosphère explosive. Après l'installation des distributeurs, le titulaire de la licence doit s'assurer que les distributeurs et les unités de pompage, les tubes, les buses et les clapets de retenue associés sont vérifiés pour en détecter les fuites avant la mise en opération.

Uwahawe uruhushya agomba gukora ku buryo imashini zitanga peteroli ziyerekana mu buryo bw'imibare ziba zubakiye munsi y'igisenge gisakaye kandi zigomba gushyirwa ku gipimo nyacyo n'Urwego rubifitiye ububasha nibura inshuro ebyiri mu mwaka. Intera ngufi ishoboka isabwa kuba iri hagati y'imashini zitanga ibikomoka kuri peteroli igomba kuba ireshya nibura na metero esheshatu (6).	The licensee always ensures that the dispensers are of digital type, installed under the standard canopy and calibrated by the competent authority at least twice a year. The minimum distance required between adjacent dispensers' islands must be at least six meters.	Le titulaire de licence doit toujours s'assurer que les distributeurs sont de type numérique, installés sous le toit standard et calibrés par l'Autorité compétente au moins deux fois par an. La distance minimale requise entre les îlots des distributeurs adjacents doit être au moins six (6) mètres.
Ingingo ya 13 : Umugende n'ibikoresho bifata amazi Umugende uri ahantu hose hakikije imashini zitanga peteroli n'aho amakamyo afite ibigega agemurira ibikomoka kuri peteroli ugomba gutunganywa ku buryo utembamo ibigenda bimeneka cyangwa peteroli igenda iva ubinyujije mu tugende turimo utugobe cyangwa mu miyoboro ukabigeza ku bikoresho bifata amazi cyangwa ibiyatandukanya na peteroli mbere y'uko bitemba biva kuri sitasiyo. Amazi n'ibindi bitemba bigomba kuba bifatanye n'icyobo kiyoborwamo imyanda cyangwa n'ibindi bikorwaremezo biyobora imyanda bya ngombwa. Ni ngombwa kwirinda ko peteroli yamenetse igira icyo yanduza muri iyo miyoboro itwara imyanda.	**Article 13: Drainage and interceptors** Surface drainage of any area surrounding dispensers and road tanker delivery points are arranged to carry any spills or leaks of petroleum products, through trapped gullies or by channels, to interceptors or oil-water separators before draining from the service station. Drainage system is connected to septic tanks or other suitable disposal facilities. Contamination with product in such systems is to be avoided.	**Article 13: Drainage et tuyaux d'évacuation** Le drainage de surface de toute zone entourant les distributeurs et les points de livraison des camions citernes doit être organisé pour évacuer des déversements ou des fuites de produits pétroliers, à travers les ravines ou les canaux, vers les séparateurs d'huile - eau avant leur évacuation. Le système de drainage est relié à des fosses septiques ou à d'autres infrastructures d'évacuation appropriées. La contamination par le produit dans de tels systèmes doit être évitée.
Ingingo ya 14 : Ubuhagarike bw'ahasakaye n'uburyo hubakwa	**Article 14 : Construction and height of canopy**	**Article 14: Construction et hauteur du toit**

Igice kiri munsi y'ahasakaye kigomba kuba cyubatswe muri sima ivanze n'umucanga kandi ahantu hashobora guteza impanuka hagomba gushyirwa inzitiro zizengurutse imashini zitanga peteroli kandi hagatwikirwa n'igisenge kigera nibura muri metero imwe n'igice (1.5) ku mpande zose kandi kikigizwa hejuru mu rwego rwo kubahiriza amategeko y'Igihugu agenga imyubakire. Igisenge kigomba kuba nibura uhagarike butari munsi ya metero eshanu (5) kandi kigomba kubakishwa ibikoresho bidafatwa n'umuriro mu rwego rwo gukurikiza amabwiriza agenga imyubakire mu Rwanda.	The area under the canopy is concrete and the dangerous zone demarcated around the dispenser islands must be covered with a canopy extending outside a minimum of 1.5 m on all sides and raised as to comply with national building code. Canopy must have at least a minimum height of five meters; its structures must be constructed of non-combustible materials that conform to Rwanda building code.	La zone située sous le toit doit être en béton et la zone dangereuse délimitée autour des îlots de distribution doit être recouverte d'un auvent sur au moins 1,5 m de tout côté et surélevé conformément au Code national en matière de la construction. Le toit doit avoir au moins une hauteur minimum de cinq (5) mètres ; ses structures doivent être construites en matériaux no-combustibles conformes au Code de Construction du Rwanda.
<u>Ingingo ya 15:</u> Imbuga ya sitasiyo Imbuga ya sitasiyo igomba kuba ishashemo kaburimbo cyangwa sima ivanzemo n'umucanga cyangwa ibipande byubatswe na sima kandi ikoze ku buryo ibasha kwikorera uburemere n'ubwinshi bw'ibinyabiziga byitezwe kuzayikoresha.	**<u>Article 15</u> : Forecourt area** The forecourt area must be constructed by macadam material type or reinforced concrete or pavement cement blocks and designed in a way capable of supporting the anticipated weight and intensity of traffic.	**<u>Article 15 :</u> Zone du parvis** La zone du parvis doit être aménagée avec des matériaux d'asphaltage ou de béton armé ou de blocs de pavement en ciment et conçus d'une manière à supporter le poids et l'intensité de la circulation prévue.
<u>Ingingo ya 16 :</u> Aho bapakururira ikamyo ifite ikigega cy'ibikomoka kuri peteroli Aho ikamyo ifite ikigega ihagarara iyo igemuye ibikomoka kuri peteroli bishyirwa mu bigega by'ububiko, hagomba kuba hadasakaye, ari kure y'inyubako, kure y'ibikorwa byo gutanga peteroli kandi hitaruye	**<u>Article 16</u>: Road tanker offloading area** The road tanker stands for delivering petroleum products into storage tanks is in an open area, away from buildings, dispensing activities and emergency escape routes. It is	**<u>Article 16 :</u> Aire de déchargement des camions-citernes** L'aire de stationnement des camions-citernes pour la livraison de produits pétroliers dans des réservoirs de stockage doit être ouverte, éloignée des bâtiments, des activités de distribution et des voies d'évacuation d'urgence.

inzira zo gusohoka mu gihe havutse ikibazo cyihutirwa. Aho ikamyo ifite ikigega ihagarara hagomba kuba hanini bihagije kugira ngo ibashe kuhahagarara neza yose mu gihe irimo ipakururwa.	large enough to allow a road tanker to be positioned wholly within it during delivery.	L'aire de stationnement doit être suffisamment large pour permettre à un camion-citerne de se positionner entièrement pendant la livraison.
<u>Ingingo ya 17 :</u> Kurwanya inkongi y'umuriro no kubungabunga umutekano Buri sitasiyo icuruza ibikomoka kuri peteroli igomba kuba ifite uburyo bwo kurwanya inkongi no kubungabunga umutekano mbere y'uko itangira gukora. Ibikoresho byose byo kurwanya inkongi n'ahafatirwa ibisukika byo kuzimya igihe habaye inkongi hagomba kugaragazwa n'ibimenyetso bikwiye. Kubera izo mpamvu ibikoresho bigarura urumuri bigomba gukoreshwa.	**<u>Article 17:</u> Firefighting and security management** Every petrol service station is equipped with firefighting and security management before operating. All fire fighting equipment and hydrant points are clearly identified by the appropriate signs. Retro-reflective material is used for this purpose.	**<u>Article 17 :</u> Lutte contre l'incendie et gestion de la sécurité** Chaque station-service doit être équipée d'un dispositif de lutte contre les incendies et d'un système de sauvegarde de la sécurité avant d'être opérationnelle. Tous les équipements de protection contre l'incendie et les prises d'eau doivent être clairement identifiés par les signes appropriés. Les matériaux rétro-réfléchissants doivent être toujours utilisés à cette fin.
<u>Ingingo ya 18 :</u> Ibikoresho byo kubungabunga umutekano Mu bikoresho bya ngombwa byo kubungabunga umutekano hagomba kuba harimo : 1. ibizimyamuriro; 2. Impombo zifashishwa mu kuzimya inkongi y'umuriro; 3. umucanga wumutse; 4. intabaza iburira ko hagiye kuba inkongi;	**<u>Article 18:</u> Equipment to ensure safety** The equipment required to ensure safety includes but not limited to the following: 1. fire extinguishers; 2. fire hoses; 3. dry sand; 4. fire alarms; 5. power back-up to run the operations in case of power failure.	**<u>Article 18 :</u> Equipement de sauvegarde de la sécurité** L'équipement requis pour assurer la sécurité comprend, mais sans s'y limiter aux éléments suivants : 1. les extincteurs ; 2. les tuyaux d'incendie ; 3. le sable sec; 4. alarmes d'incendie ; 5. L'alimentation de secours en énergie pour exécuter les opérations en cas de panne de courant.

5. ubundi buryo butanga ingufu kugira ngo imirimo ikomeze n'igihe habaye ibura ry'umuriro w'amashanyarazi. Byongeye kandi, buri sitasiyo igomba kugira ahantu hagerwa bitagoranye ho kuzimiriza umuriro igihe bikenewe mu buryo bwihutirwa.	In addition, every petrol service station shall be equipped with an accessible emergency switch.	En outre, chaque station-service doit être équipée d'un interrupteur d'urgence accessible.
<u>Ingingo ya 19 :</u> Ibyapa byerekana aho kwitondera Ibyapa byabugenewe byerekana aho kwitondera bigomba gushyirwa ahatangirwa ibikomoka kuri peteroli no ku mpombo z'ubuhumekero bw'ububiko bw'ibikomoka kuri peteroli. Hamanikwa amatangazo n'ibimenyetso biburira nka; «zimya moteri», «birabujijwe kunywera itabi hano», «Byateza impanuka y'inkongi » n'ibindi bimenyetso bigaragara ko ari ngombwa. Ibi bimenyetso bigomba kuba biri mu ibara, mu bwoko no mu ngano ituma bisomeka ku ntera ya metero 7,5. Aho kwinjirira n'aho gusohokera hagomba kurangwa n'utugararumuri turabagirana kandi tugatangira kugaragara ku ntera ya metero mirongo itanu (50 m).	**<u>Article 19</u>: Safety signs** Appropriate safety signs are installed at fuel dispensing points and tank vent pipes. Warning notices and signs such as, "switch off engine", "no smoking", "danger inflammable" and any other safety signs as may be deemed necessary. These signs must be of such color, type and sizes that can be read from a distance of 7,5 m. Entrances and exits are made of artificially illuminated retro reflective material and readable from a distance of 50 m.	**<u>Article 19 :</u> Signaux de sécurité** Des signes de sécurité appropriés doivent être installés sur les points de distribution de carburant et dans les tuyaux de ventilation du réservoir. Les avis d'avertissement et les signes tels que « éteigneza le moteur », « interdit de fumer », « danger inflammable » et tout autre avertissement jugés nécessaires. Ces signes doivent être de teinte, du type et de dimensions qui se lisent à une distance de 7,5 m. Les entrées et les sorties doivent être constituées d'un matériel retro-réfléchissant artificiellement illuminé et lisible à partir d'une distance de cinquante (50 m).
<u>Ingingo ya 20 :</u> Ibiranga ibigega Buri kigega cya sitasiyo kigomba kugaragazwa na nimero ikiranga kugira ngo gitandukanywe n'ibindi.	**<u>Article 20 :</u> Identification of tanks** Each tank of a service station is marked with an identifying number to distinguish it from any other tank.	**Article 20 : Identification des réservoirs** Chaque réservoir d'une station-service doit être marqué d'un numéro d'identification qui le distingue des autres.

Mu gihe ibigega bifite ibyumba byinshi, buri cyumba kigomba kwandikwaho nomero yacyo kandi ubwoko bw'ibikomoka kuri peteroli bikirimo bukagaragazwa n'ibara ryihariye rikurikira: 1. Ibara ry'umukara ahari Peteroli; 2. Ibara ry'umuhondo ahari Mazutu; 3. Ibara ry'ubururu ahari Lisansi.	In the event of multi-compartment tanks, each compartment is marked with a separate number and type of petroleum product with the following specific color: 1. Black color for Kerosene; 2. Yellow color for Diesel; 3. Blue color for Gasoline.	Dans le cas de réservoirs à compartiments multiples, chaque compartiment doit être marqué d'un numéro et le type de produit pétrolier qu'il contient doit être marqué par la couleur spécifique suivante : 1. Le noir pour le Kérosène ; 2. Le jaune pour le Diesel ; 3. Le bleu pour l'Essence.
<u>Ingingo ya 21:</u> Ibiranga imashini zitanga ibikomoka kuri peteroli Ku birahuri by'imashini zitanga peteroli no ku mpombo inyuramo hagomba kwandikwa mu buryo bugaragara mu rwego rwo kwerekana ubwoko bw'ibikomoka kuri peteroli bihatangirwa mu magambo akurikira: 1. Lisansi; 2. Mazutu; 3. Petroli; Igiciro cy'aho banyweshereza kigomba kugaragarira abakiriya cyanditse mu mafaranga akoreshwa mu gihugu kandi ingano umukiriya ahawe ikagaragara mu ma litiro.	**<u>Article 21</u>: Identification of dispensers** The dispensers' panels and dispenser pumps are clearly marked to indicate the type of petroleum products distributed with the following words : 1. Gasoline; 2. Diesel; 3. Kerosene. The pump price must be displayed and visible to customers in local currency and the quantity of product dispensed in litres.	**<u>Article 21:</u> Identification des distributeurs** Les panneaux des distributeurs et les pompes de distribution doivent être clairement marqués pour indiquer le type de produits pétroliers distribués avec les mots suivants : 1. Essence ; 2. Diesel ; 3. Kérosène Le prix à la pompe doit être affiché et visible pour les clients en monnaie locale et la quantité du produit distribué doit s'afficher en litres.
<u>Ingingo ya 22 :</u> Ibyubahirizwa mu rwego rwo gushyira amashanyarazi muri sitasiyo igurisha peteroli n'ibiyikomokaho Gushyiraho ibikoresho byose by'amashanyarazi n'iby'ikoranabuhanga bigomba kubahiriza	**<u>Article 22</u>: Requirements with regards to electrical installations of a service station**	**<u>Article 22 :</u> Conditions relatives aux installations electriques d'une station service** Toutes les installations électriques et électroniques doivent se conformer aux

ibisabwa n'amabwiriza ya RS 141-3 kandi bikubahiriza n'izindi ngamba zo kubungabunga ubuzima n'umutekano. Iyo hashyizweho igikoresho icyo ari cyo cyose gifite ubushobozi bwo gutanga icyezezi cy'umuriro w'amashanyarazi, ni ngombwa gukora ibishoboka byose ngo kidashobora kubyara umuriro cyangwa ngo gitume ibikomoka kuri peteroli bifatwa n'inkongi. Insinga z'umuriro ukoresha icyuma gitanga peteroli zigomba gufunikwa kugirango zidakora ku insinga zitanga ingufu z'amashanyarazi. Kuri buri sitasiyo igurisha ibikomoka kuri peteroli hashyirwaho uburyo bwo guhagarika amashanyarazi yose vuba bukoreshwa mu bihe byihutirwa iyo habayeho ikibazo gitewe n'amashanyarazi.	All electrical and electronic installations shall comply with the requirements of the RS141-3 and any other health and safety requirements. If any device capable of emitting electromagnetic waves is installed, care is taken to ensure that it cannot induce a current or charge which could ignite a flammable material. The dispenser circuit is provided with an isolating circuit breaker for disconnection from the source of electrical energy. Emergency stop switch is installed on every service station to switch off the whole electrical power supply in case of electrical incident.	standards de RS141-3 et aux autres mesures de santé et de sécurité. Si un dispositif capable d'émettre des ondes électromagnétiques est installé, il faut veiller à ce qu'il ne puisse pas induire un courant ou une charge susceptible d'allumer une matière inflammable. Le circuit de distribution doit être pourvu d'un disjoncteur isolant pour le débranchement de la source d'énergie électrique. Un interrupteur d'arrêt d'urgence est installé sur chaque station-service pour couper toute l'alimentation électrique en cas d'incident électrique.
<u>Icyiciro cya 3 :</u> Aho abakiriya bagurira peteroli n'ibiyikomokaho	**<u>Section 3</u> : Consumer site**	**<u>Section 3 :</u> Site des consommateurs**
<u>Inyingo ya 23 :</u> Ibisabwa mu rwego rwa tekiniki ku byerekeranye n'aho abakiriya bagurira peteroli n'ibiyikomokaho Aho abakiriya bagurira peteroli n'ibiyikomokaho hagomba kuba ari kuri metero 100 byibura uvuye ku muhanda ugomba gushyirwaho sitasiyo icuruza peteroli n'ibiyikomokaho kandi ibigega bigashyirwa	**<u>Article 23</u> : Technical requirements of a consumer site** The consumer site shall be located at least 100 m from any road eligible for a petrol service station and its tanks shall be installed underground. The consumer site facilities shall be enclosed within a fenced area and provide	**<u>Article 23 :</u> Conditions techniques d'un site de consommation** Le site de consommation doit être situé à au moins 100 m de toute route eligible pour une station-service et ses réservoirs doivent être enterrés. Les infrastructures du site de consommation doivent être installées dans une

mu butaka. Ibikorwaremezo by'aho bagurira peteroli n'ibiyikomokaho bigomba kuzitirwa kandi bikagira ahantu imodoka zibasha kugenda mu buryo zitabangamirana. Ibikorwaremezo byaho bigomba kujyana n'ibiteganywa mu ngingo ya 4, iya 24, iya 25, iya 26, iya 27, n'iya 28 y'aya mabwiriza.	circulation area to allow free movement of vehicles. Its facilities shall comply with provisions under section 2 of chapter II and Articles 4, 24, 25, 26, 27 and 28 of this regulation.	zone clôturée et fournir une zone de circulation pour permettre la libre circulation des véhicules. Ses infrastructures doivent être conformes aux dispositions prévues à la section 2 du chapitre II et aux articles 4, 24, 25, 26, 27 et 28 du présent règlement.
<u>UMUTWE WA III</u> : AHASHYIRWA SITASIYO UGERERANYIJE N'IBIKORWAREMEZO BIHEGEREYE	**<u>CHAPTER III</u> : LOCATION OF A SERVICE STATION VIS A VIS THE NEIGHBORING INFRASTRUCTURES**	**<u>CHAPITRE III:</u> EMPLACEMENT D'UNE STATION-SERVICE PAR RAPPORT AUX INFRASTRUCTURES AVOISINANTES**
<u>Ingingo ya 24 :</u> Imihanda yemerewe gushyirwaho sitasiyo igurisha petroli n'ibiyikomokaho n'ahagenewe umuhanda Sitasiyo igurisha petroli n'ibiyikomokaho ishyirwa gusa ku mihanda yo mu rwego rw'igihugu, iy'Akarere n'iy'Umujyi wa Kigali Icyiciro cya 1, no ku mihanda y'Uturere n'iy'Umujyi wa Kigali Icyiciro cya 2 ; Ahagenewe imihanda hagenwa n'itegeko rigenga imihanda mu Rwanda.	**<u>Article 24</u> : Roads permissible for a petrol service station project with their respective reserve** A petrol service station is installed exclusively alongside a National Road, District and City of Kigali road class -1, and District and City of Kigali road class-2; The road reserve is determined by the law governing roads in Rwanda.	**<u>Article 24 :</u> Les routes autorisées pour un projet de station-service avec leur réserve respective** Une station-service est installée exclusivement en bordure d'une route nationale, une route de district et de la ville de Kigali classe -1, et de la route de district et de la Ville de Kigali classe-2 ; La réserve routière est déterminée par la loi régissant les routes au Rwanda.
<u>Ingingo ya 25 :</u> Intera ijya hagati y'ibikorwaremezo bya sitasiyo n'ihuriro ry'imihanda Intera iba hagati y'igikorwa remezo cya sitasiyo cya bugufi n'ihuriro ry'imihanda ntigomba kujya munsi ya metero ijana (100).	**<u>Article 25:</u> The distance between the facilities of a petrol service station and the road junctions** Distance between the nearest facility of a petrol service station and the nearest point of the roads junction shall not be less than 100 metres.	**<u>Article 25 :</u> La distance entre des infrastructures d'une station-service et le carrefour** La distance entre l'infrastructure la plus proche d'une station-service et le point le plus proche du carrefour routier ne doit pas être inférieure à 100 mètres.

Intera ibarwa uhereye hagati mu muhanda uteganyijwe ukagera ku gisenge cya sitasiyo ntigomba kurenga metero 35.	Distance from the center of the targeted road shall not exceed 35m to the canopy of the petrol station.	La distance entre le centre de la route ciblée et l'auvent de la station-service ne doit pas dépasser 35 m.
<u>Ingingo ya 26 :</u> Intera iba hagati y'ibikorwa remezo bya sitasiyo n'urubibi rw'ahantu ho kwitondera Intera iba hagati y'ibikorwaremezo harimo igisenge, ahagenewe ibigega, igice cyagenewe ibiro, n'indi nyubako iyo ari yo yose ya sitasiyo n'urubibi rw'ahantu ho kwitonderwa ntabwo igomba kuba iri munsi ya metero 100. Iyo sitasiyo n'ahantu ho kwitondera hateganye n'umuhanda, ntabwo igisenge kigomba gushyirwa inyuma ya metero 35 uvuye mu muhanda hagati.	**<u>Article 26:</u> The distance between the facilities of a petrol service station to the plot boundary of a sensitive area** The distance between facilities, namely canopy, tank farm, office blocks, and any other buildings of a petrol service station and the plot boundary of a sensitive area must not be less than 100 metres. In case the petrol station and the sensitive areas are located opposite to each other vis as vis the road, the canopy must not be shifted beyond 35 metres from the center of the road.	**<u>Article 26 :</u> La distance entre les infrastructures d'une station-service et la limite de la parcelle d'une zone sensible** La distance entre les infrastructures, à savoir l'auvent, le parc de réservoirs, les immeubles de bureaux et tout autre bâtiment d'une station-service et la limite de parcelle d'une zone sensible ne doit pas être inférieure à 100 mètres. Dans le cas où la station-service et les zones sensibles sont situées en face l'une de l'autre vis-à-vis de la route, l'auvent ne doit pas être déplacé au-delà de 35 mètres du centre de la route.
<u>Ingingo ya 27 :</u> Intera iba hagati y'ahantu hashobora guteza impanuka kuri sitasiyo n'amazu yo guturamo Intera iba hagati y'igikorwaremezo cya sitasiyo iyo ariyo yose iri ahantu hashobora guteza impanuka n'inzu iri hafi ituwemo ntigomba kuba munsi ya metero mirongo itatu (30). Iyo sitasiyo yubatse ahantu hatuwe, mu kibanza hasigara intera yo kubungabunga umutekano ya 30 m kugirango ugere ahantu hashobora guteza	**<u>Article 27:</u> The distance between a hazardous area of a petrol service station to residential houses** The distance between any service station facility located in the hazardous area and the nearest residential house footprint must not be less than 30 metres. In case a petrol service station is built in a residential zone, the 30 m safety distance to	**<u>Article 27 :</u> La distance entre une zone dangereuse d'une station-service et des maisons d'habitation** La distance entre toute infrastructure de station-service située dans la zone dangereuse et l'empreinte résidentielle la plus proche ne doit pas être inférieure à 30 mètres. Dans le cas où une station-service est construite dans une zone résidentielle, la distance de

impanuka. Ibi ntibireba sitasiyo zigurisha petroli n'ibiyikomokaho zisanzweho ziba ahantu hatuwe zigomba kubaka igikuta cya metero 3 cyubatswe mu matafari cyangwa muri boloke bifatanyijwe n'umucanga na sima kandi gifite umubyimba wa santimetero 20. Izindi sitasiyo zubakwa ahandi hantu hatari ahatuwe zigomba kubahiriza ibisabwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo. Izindi sitasiyo zisanzweho zubatse ahandi hantu hatari ahatuwe zitubahirije ibiteganywa mu gace ka mbere k'iyi ngingo zigomba kubaka igikuta cya metero 3 cyubatswe mu matafari cyangwa muri boloke bifatanyijwe n'umucanga na sima kandi gifite umubyimba wa santimero 20.	hazardous areas is provided within the plot. This does not apply to existing petrol service stations located in residential zones which must erect a three m brick or blockwork bonded by cement sand mortar with a minimum 20 cm thickness. Petrol service stations to be built in zones other than the residential zone shall comply with the first paragraph of this article. Existing petrol service stations built in zones other than the residential zone which do not comply with the first paragraph of this Article must erect a three meters' brick or blockwork bonded by cement sand motar with a minimum 20 cm thickness.	sécurité de 30 m par rapport aux zones dangereuses est prévue à l'intérieur de la parcelle. Ceci ne s'applique pas aux stations-service existantes situées dans des zones résidentielles qui doivent ériger un mur en briques ou en blocks de trois mètres liés par un mortier de sable de ciment d'une épaisseur minimale de 20 cm. Les stations-service à construire dans des zones autres que la zone résidentielle doivent se conformer au premier alinéa du présent article. Les stations-service existantes construites dans des zones autres que la zone résidentielle qui ne sont pas conformes au premier alinéa du présent article doivent ériger un mur en briques ou en blocks de trois mètres liés par un mortier de sable de ciment d'une épaisseur minimale de 20 cm.
<u>Ingingo ya 28 :</u> Intera ijya hagati ya sitasiyo n'umuyoboro w'insinga z'amashanyarazi Umwanya utandukanya ibigega n'impombo zizana akayaga kuri sitasiyo kugera ku muyoboro w'insinga z'amashanyarazi afite ingufu nyinshi n'ingufu zicirirtse ugomba kuba nibura metero cumi n'eshanu (15) uvuye ku nsinga z'amashanyarazi afite ingufu zingana na 15 KV kugeza kuri 220 KV na metero makumyabiri (20) uvuye ku nsinga	**<u>Article 28 :</u> The distance between a service station and a power line** The horizontal clearance from the tanks and vent pipes of a service station to the line conductors of the high and medium voltage power line must be at least 15 metres from power lines of 15 KV to 220KV and 20 metres from 400 KV lines.	**<u>Article 28 :</u> La Distance entre une station-service et une ligne électrique** Le dégagement latéral des réservoirs et des tuyaux de ventilation d'une station-service aux conducteurs de ligne électrique de haute et moyenne tension doit être au moins à quinze (15) mètres à partir de lignes électriques de 15 KV à 220 KV et à vingt mètres (20) des lignes électriques de 400 KV.

z'amashanyarazi afite ingufu zingana na 400 KV.		
Ingingo ya 29: Intera ijya hagati ya sitasiyo n'iyindi Sitasiyo zigomba gutandukanywa n'intera itari munsi ya metero igihumbi 1000 kuva ku gice cy'umuhanda ufite imwe kigenderwamo. Iyo ntera kandi ni na yo igomba kubahirizwa hirya no hino y'umuhanda ufite ibisate bibiri bigenderwamo.	**Article 29: The distance between one petrol service station and another** Petrol service stations are sited at a distance not less than 1000 metres from each other's nearest facility on the same section of the single carriage road, this applies to either side of the dual carriage road.	**Article 29 : La distance entre une station-service et une autre** Les stations-service doivent être situées à une distance d'au moins mille mètres (1000) l'une de l'autre sur la même section de la route à chaussée unique ; cela s'applique de part et d'autre à la route à chaussées doubles.
UMUTWE WA IV: IBIKURIKIZWA MU GUTANGA URUHUSHYA RWO GUSHYIRAHO NO KUVUGURURA SITASIYO CYANGWA AHO ABAKIRIYA BAGURIRA PETEROLI	**CHAPTER IV: LICENSING REGIME FOR INSTALLATION AND UPGRADE OF A SERVICE STATION AND CONSUMER SITE**	**CHAPITRE IV : REGIME D'OCTROI DE LICENCE POUR L'INSTALLATION ET LA RENOVATION D'UNE STATION SERVICE OU D'UN SITE DE CPNSOMMATION**
Icyiciro cya Mbere : Gushyiraho no kuvugurura sitasiyo	**Section One: Installation and upgrade of a service station**	**Section première : Installation et renovation d'une station service**
Ingingo ya 30 : Ubusabe bw'inama mbere yo gukora umushinga wa sitasiyo Umuntu wese wifuza gushinga sitasiyo mbere na mbere asaba Urwego Ngenzuramikorere inama ku byerekeranye n'umushinga wa sitasiyo atanga ibi bikurikira : **1.** Kopi y'ibyangombwa by'ubutaka byanditse mu izina ry'usaba cyangwa ibyangombwa by'ubutaka biherekejwe	**Article 30 : Application for a pre-consultation of a petrol service station project** Any person who wishes to install a petrol service station firstly applies for a pre-consultation of his /her proposed project to the Regulatory Authority by submitting the followings: 1. a copy of land document registered under the name of the applicant or the land	**Article 30 : Demande de consultation préalable d'un projet de station-service** Toute personne qui désire installer une station-service demande une consultation préalable pour son projet envisagé à l'Autorité de Régulation en lui soumettant les documents suivants : 1. Une copie du titre foncier enregistré au nom du demandeur ou une copie du titre

n'ukwemera kwa nyir'ubutaka kuriho umukono we ; **2.** Kopi y'igishushanyo cy'ahagomba kubakwa ; **3.** Inyemezabwishyu y'amafaranga ya dosiye isaba nk'uko agaragara ku mugereka wa kabiri w'aya mabwiriza;	document supported with a signed written consent from the land owner; 2. a copy of proposed site layout plan; 3. a proof of payment of the application fee as specified in Annex II of this regulation.	foncier appuyé par consentement écrit signé par le propriétaire foncier ; 2. Une copie du plan d'aménagement proposé du site ; 3. Une preuve de paiement des frais de demande tel que spécifié à l'annexe II du présent règlement.
Urwego Ngenzuramikorere rumenyesha uwasabye, umwanzuro wafatiwe ubusabe bwe mu gihe kitarenze iminsi makumyabiri n'umwe (21) y'akazi ibarwa uhereye igihe yatangiye ibyangombwa byose bisabwa.	The Regulatory Authority notifies the applicant the decision taken thereof not later than 21 working days after the submission of all required documents.	L'Autorité de Régulation notifie la décision prise au demandeur , au plus tard 21 jours ouvrables après le dépôt de tous les documents requis.
Ibaruwa y'inama zitangwa mbere yo gukora umushinga igira agaciro mu gihe cy'amezi ane uhereye igihe yandikiweho, icyo gihe cyongerwa inshuro imwe. Ibaruwa y'inama zitangwa mbere yo gukora umushinga ita agaciro iyo hari imwe mu nyandiko zisabwa mu ruhushya rwo gushinga sitasiyo yanzwe n'Urwego rubifitiye Ububasha.	A pre-consultation letter has a validity period of four months from the date of issuance, renewable once. The validity of the pre-consultation letter ceases to have effect once any required document for the installation license is denied by a Competent Authority.	Une lettre de consultation préalable a une durée de validité de quatre mois à compter de la date d'émission, renouvelable une fois. La validité de la lettre de consultation préalable cesse d'avoir effet une fois que tout document requis pour la licence d'installation est refusé par une Autorité Compétente.
Ibaruwa y'inama zitangwa mbere yo gukora umushinga ishobora kuvugururwa iyo hatanzwe izi nyandiko zikurikira: **1.** Kopi y'ibyangombwa by'ubutaka byanditse mu izina ry'usaba cyangwa rya sosiyete cyangwa kopi	A pre-consultation letter can be renewed upon presentation of the following documents: **1.** A copy of land document registered under his/her name or company or a copy of purchase agreement with the owner of the land;	Une lettre de consultation préalable peut être renouvelée sur présentation des documents suivants : **1.** Une copie du document foncier enregistré sous son nom ou au nom de sa société ou une copie du contrat d'achat avec le propriétaire du terrain ;

y'amasezerano yo kugura agirana na nyir'ubutaka; **2.** Kopi y'Icyemezo cy'Inyigo Nsuzumangaruka ku Bidukikije; **3.** Icyemezo cy'itangwa ry'umushinga muri One Stop Center y'Umujyi wa Kigali/Akarere.	**2.** A copy of environmental impact assessment certificate; **3.** Proof of the project submission in One Stop Center of City of Kigali/District.	**2.** Une copie d'un certificat d'évaluation d'impact sur l'environnement ; **3.** Une preuve de la soumission du projet au Guichet Unique de la Ville de Kigali/District.
<u>Ingingo ya 31</u>: Gusaba uruhushya rwo gushyiraho sitasiyo Nyuma yo kubanza kugisha inama, umuntu wese wifuza gushyiraho sitasiyo asaba Urwego Ngenzuramikorere uruhushya rwo gushyiraho sitasiyo. Usaba yoherereza Urwego Ngenzuramikorere ubusabe bwe atanga izi nyandiko zikurikira : **1.** Kopi y'Uruhushya rwo Kubaka rutangwa n'Urwego rubifitiye Ububasha ; **2.** Kopi y'ibyangombwa by'ubutaka byanditse kuri nyir'umushinga ; **3.** Kopi y'Icyemezo cy'Inyigo Nsuzumangaruka ku Bidukikije; **4.** Kopi y'igishushanyo cy'ahubakwa n'iy'ibishushanyo by'icyitegererezo	**<u>Article 31:</u> Application for an installation license** After the pre-consultation, any person who intends to install a service station applies for an installation license to the Regulatory Authority. The Applicant sends an application to the Regulatory Authority by submitting the following documents: **1.** A copy of construction permit issued by the Competent Authority; **2.** A copy of land document registered under the project developer; **3.** A copy of an environmental impact assessment certificate; **4.** A copy of a site plan and detailed design drawings approved by a Competent Authority;	**<u>Article 31:</u> Demande de licence d'installation** Après la consultation préalable, toute personne qui a l'intention d'installer une station-service demande une licence d'installation à l'Autorité de Régulation. Le Demandeur adresse une demande à l'Autorité de Régulation en soumettant les documents suivants : **1.** Une copie de l'autorisation de bâtir délivrée par l'Autorité Compétente ; **2.** Une copie du document foncier enregistré sous le nom du promoteur du projet ; **3.** Une copie d'un certificat d'évaluation d'impact sur l'environnement ; **4.** Une copie d'un plan du site et des plans de conception détaillés approuvés par une Autorité Compétente ;

iriho amakuru arambuye yemejwe n'Urwego rubifitiye ububasha; **5.** Uburenganzira butangwa n'Urwego rubifitiye ububasha bwo gukoresha ahantu hagenewe umuhanda banyura kugirango babashe kugera ku bikorwaremezo bya sitasiyo igihe bishoboka ; **6.** Andi makuru yose Urwego Ngenzuramikorere rushobora gusaba. Urwego Ngenzuramikorere rumenyesha uwasabye umwanzuro wafatiwe ubusabe bwe mu gihe kitarenze iminsi makumyabiri n'umwe (21) y'akazi.	**5.** A clearance from the Competent Authority to use the road reserve as an access to the petrol station facilities where applicable; **6.** Any other information as may be required by the Regulatory Authority. The Regulatory Authority notifies the applicant the decision taken thereof not later than 21 working days after the submission of all required documents.	**5.** Une autorisation de l'Autorité Compétente pour utiliser la réserve routière comme accès aux infrastructures de la station-service, le cas échéant ; **6.** Toute autre information pouvant être requise par l'Autorité de Régulation. L'Autorité de Régulation notifie au demandeur la décision prise endéans vingt- et-un (21) jours ouvrables à compter à partir de la date de soumission de tous les documents requis.
<u>Ingingo ya 32</u>: Igihe uruhushya rwo gushyiraho sitasiyo rumara Uruhushya rwo gushyiraho sitasiyo rumara imyaka itatu (3). Iyo agaciro k'uruhushya karangiye mbere y'uko imirimo yo gushyiraho sitasiyo itangira, urwo ruhushya ruba rutagifite agaciro kandi usaba agomba kwandika asaba urundi ruhushya hakurikijwe ibiteganywa n'aya mabwiriza. Igihe cy'inyongera ku ruhushya rutagifite agaciro mu gihe imirimo yo kubaka no gushyiraho sitasiyo igikomeje kigomba gutangwa hashingiwe ku gihe cy'inyongera cy'uruhushya rwo kubaka.	**<u>Article 32:</u> Validity for an installation license** The installation license is valid for a period of three years. When the license is expired before starting the installation works, such license ceases to have effect and the applicant applies for a new license in accordance with the provisions of this regulation. An extension period for the expired license while construction and installation works are ongoing, is given basing on extension period of construction permit.	**<u>Article 32:</u> Validité d'une licence d'installation** La licence d'installation est valable pour une période de trois (3) ans. Lorsque la licence expire avant le début des travaux d'installation, cette licence doit cesser de porter des effets et le demandeur doit envoyer une nouvelle demande de licence conformément aux dispositions du présent règlement. Une période de prolongation pour la licence expirée alors que les travaux de construction et d'installation sont encore en cours doit être accordée en fonction de la période de prolongation de 'autorisation de bâtir.

<u>Ingingo ya 33:</u> Amafaranga yishyurwa ku ruhushya rwo gushyiraho sitasiyo Uruhushya rwo gushyiraho sitasiyo ruhabwa uwarusabye nyuma yo kwerekana inyemezabwishyu y'amafaranga y'ubusabe nk'uko asobanuwe mu mugereka wa kabiri w'aya mabwiriza.	**<u>Article 33 :</u> Installation license fee** An installation license is issued to the applicant upon presentation of proof of payment of the license fee as specified in Annex II of this regulation.	**<u>Article 33</u>: Frais de licence d'installation** Une licence d'installation est octroyée au demandeur sur présentation de preuve de paiement des frais de licence tel que spécifiés dans l'Annexe II du présent règlement.
<u>Ingingo ya 34</u>: Guhindura no guhererekanya uruhushya Mu gihe uwahawe uruhushya ashaka kurwegurira undi muntu, agomba kubanza kubyemererwa n'Urwego Ngenzuramikorere; Uweguriwe uruhushya afite inshingano nk'iz'uwarusabye agiye gushyiraho sitasiyo. Igihe uruhushya rumara, ibyo ruteganya n'ibyo rutegeka ntibihinduka.	**<u>Article 34:</u> License modification and transfer** In the event that a licensee initiates the transfer of the license to another person, the licensee seeks for the approval from the Regulatory Authority. The transferee is considered as the applicant to assume the installation license. The duration of the license and the license terms and conditions remain the same.	**<u>Article 34 :</u> Modification et transfert de licence** Dans le cas où le titulaire de licence veut le transfert à une autre personne, il doit en demander l'approbation préalable par l'Autorité de Régulation ; Le cessionnaire est considéré comme demandeur pour assumer la responsabilité de la Licence d'Installation. La durée de la licence, ses termes et conditions doivent rester les mêmes.
<u>Ingingo ya 35 :</u> Inshingano z'uwahawe uruhushya rwo gushyiraho sitasiyo Uwahawe uruhushya rwo gushyiraho sitasiyo afite inshingano zikurikira : **1.** Gukurikiza ibishushanyombonera n'igishushanyo cy'icyitegererezo cy'ahazashyirwa sitasiyo byemejwe ;	**<u>Article 35:</u> Obligations of petrol service station installation licensee** The holder of license for installation of a petrol service station has the following obligations: **1.** Adhere to the approved design drawings and site plan of a petrol service station;	**<u>Article 35 :</u> Obligations du titulaire de licence d'installation de station-service** Le titulaire de licence d'installation d'une station-service a les obligations suivantes : **1.** Adhérer aux dessins de conception et au plan du site d'une station-service approuvés ;

2. Kubimenyesha Urwego Ngenzuramikorere mbere yo gushyira mu kibanza ibigega by'ububiko bwa petroli kugirango bikorerwe ubugenzuzi; **3.** Kwerekana urwo ruhushya buri gihe ku kibanza nk'ikimenyetso kigaragaza ko yemerewe kuhakorera imirimo iteganyijwe; **4.** Kubahiriza ibisabwa byose mu rwego rw'ikurikiranabikorwa, gutanga raporo n'urw'ishyirwa mu bikorwa bisabwa n'Urwego Ngenzuramikorere; **5.** Kudahererekanya uruhushya n'undi muntu usibye gusa iyo iryo hererekanya ryemewe n'Urwego Ngenzuramikorere; **6.** Kubahiriza ibisabwa bivugwa muri aya mabwiriza; **7.** Kubahiriza Amabwiriza y'Ubuziranenge yemejwe akoreshwa mu Rwanda yerekeranye n'imicururize ya peteroli n'ibiyikomokaho; **8.** Kubahiriza andi mabwiriza yose atangwa n'Urwego Ngenzuramikorere.	**2.** Notify the Regulatory Authority before the installation of fuel storage tanks for inspection; **3.** Exhibit such license at all times on site as evidence that he/she is authorized to carry out the intended works; **4.** Comply with all monitoring, reporting requirements and enforcement actions imposed by the Regulatory Authority; **5.** Not transfer the license to a third party unless such transfer is approved by the Regulatory Authority; **6.** Comply with the requirements stipulated under this regulation; **7.** Abide by the adopted Rwandan Standards relating to downstream petroleum industry; **8.** Comply with any other directive issued by the Regulatory Authority.	**2.** Aviser l'Autorité de Régulation avant l'installation des réservoirs de stockage de carburant en vue d'inspection ; **3.** Présenter cette licence à tout moment sur le site comme preuve qu'il est autorisé à effectuer les travaux prévus ; **4.** Se conformer à toutes les conditions de surveillance, de rapports et de mise en œuvre imposées par l'Autorité de Régulation ; **5.** Ne pas transférer la licence à un tiers à moins que ce transfert ne soit approuvé par l'Autorité de Régulation ; **6.** Se conformer aux conditions stipulées dans le présent règlement ; **7.** Respecter les normes rwandaises adoptées relatives à l'industrie pétrolière en aval ; **8.** Se conformer à toute autre directive émise par l'Autorité de Régulation.
<u>Ingingo ya 36 :</u> Gusaba uruhushya rwo kuvugurura sitasiyo	**<u>Article 36 :</u> Application for an authorization to upgrade a service station**	**<u>Article 36 :</u> Demande d'autorisation de rénovation d'une station-service**

Umuntu wese ushaka kuvugurura sitasiyo isanzweho abisabira Uruhushya mu Rwego Ngenzuramikorere. Ubusabe busobanura impamvu n'ubwoko bw'ivugurura rikenewe bukanagaragaza sitasiyo igomba kuvugururwa. Usaba uruhushya rwo kuvugurura sitasiyo atanga inyandiko zikurikira : **1.** Kopi y'uruhushya rwo kuvugurura rutangwa na One Stop Center cyangwa n'urundi Rwego rubifitiye Ububasha ; **2.** Ibishushanyombonera bisobanuye bijyanye n'ivugururwa rikenewe ; **3.** Inyemezabwishyu y'ubusabe bwo kuvugurura buvugwa mu Mugereka wa kabiri w'aya mabwiriza. Izo nyandiko zimaze kwemerwa, usaba ahabwa uruhushya rwo kuvugurura sitasiyo amaze kwishyura amafaranga asabwa ku ruhushya avugwa mu Mugereka wa Mbere w'aya mabwiriza. Urwego Ngenzuramikorere rumenyesha uwasabye umwanzuro wafatiwe ubusabe bwe mu gihe kitarenze iminsi makumyabiri n'umwe (21) y'akazi ibarwa uhereye igihe yatangiye ibyangombwa bisabwa.	Any person who wishes to upgrade an existing petrol service station applies to the Regulatory Authority for an Authorization. The application describes the purpose and type of upgrading by indicating the station to be upgraded. The applicant wishing to upgrade a service station submits the following documents: **1.** A copy of the rehabilitation permit issued by One Stop Center or any other competent Authority; **2.** Detailed designs related to the upgrading; **3.** A proof of payment of the application fee for upgrading as specified in Annex II of this regulation. Upon approval, an authorization to upgrade is issued to the applicant after payment of the authorization fee as specified in Annex One of this regulation. The Regulatory Authority notifies the applicant of the outcome of the application within a period not exceeding 21 working days.	Toute personne qui souhaite rénover une station-service existante demande une autorisation à l'Autorité de Régulation. La demande décrit le but et le type de rénovation visée en indiquant la station à rénover. Le demandeur souhaitant rénover une station-service soumet les documents suivants : **1.** Une copie de l'autorisation de réhabilitation délivrée par le Guichet Unique ou toute autre Autorité compétente ; **2.** Des conceptions détaillées liées à la rénovation ; **3.** Une preuve de paiement des frais de demande de rénovation tel que spécifiés à l'annexe II du présent règlement. Après approbation desdits documents, une autorisation de rénovation est délivrée au demandeur après paiement des frais d'autorisation telle que spécifiés à l'Annexe I du présent règlement. L'Autorité de Régulation informe le demandeur de la suite réservée à sa demande dans un délai n'excédant pas 21 jours ouvrables.

<u>Ingingo ya 37:</u> Guhagarika uruhushya rwo gushyiraho sitasiyo Uwahawe uruhushya agomba gushyiraho sitasiyo akurikiza ibishushanyombonera byemejwe kandi yubahiriza amabwiriza y'ubuziranenge ibikoresho byo kubaka bigomba kuba byujuje. Iyo atabikurikije, Urwego Ngenzuramikorere ruhagarika uruhushya rwo gushyiraho sitasiyo kugeza igihe ibiteganywa muri aya mabwiriza byubahirijwe.	**<u>Article 37 :</u> Suspension of an installation license** The licensee installs the service station in accordance with the approved design plans and standardised building material, failure of which, the Regulatory Authority suspends the installation license until the regulation is complied with.	**<u>Article 37:</u> Suspension d'une licence d'installation** Le Titulaire de la licence doit procèder à l'installation de la station-service en se conformant aux plans de conception approuvés et au standard des matériaux de construction. En cas de non conformité, l'Autorité de Régulation, suspend la licence d'installation jusqu'à ce que le réglement soit respecté.
<u>Ingingo ya 38:</u> Ivanwaho ry'uruhushya rwo gushyiraho sitasiyo Urwego Ngenzuramikorere rushobora kuvanaho uruhushya mbere y'uko agaciro karwo karangira mu bihe bikurikira : 1. Kureka imirimo yaherewe uruhushya; 2. Kwanga kenshi gufatanya n'Urwego Ngenzuramikorere mu masuzuma n'amagenzura rukora; 3. Iyo hakorwa ibikorwa byo kwegeranya no kugabagabana umutungo w'uwahawe uruhushya; 4. Ivanwaho n'irangira ry'uruhushya rwo kubaka sitasiyo.	**<u>Article 38 :</u> Revocation of an installation license** The Regulatory Authority may revoke the license before its expiration in the following cases: 1. Abandonment of licensed activities; 2. Repetitive failure of the licensee to cooperate with the Regulatory Authority's inspection and audits; 3. Liquidation of the licensee; 4. Revocation and expiration of the construction permit.	**<u>Article 38</u>: Révocation d'une Licence d'installation** L'Autorité de Régulation peut révoquer la licence avant son expiration dans les cas suivants : 1. L'abandon des activités autorisées; 2. Manquement répété du titulaire de la licence à coopérer avec l'inspection et les audits de l'Autorité de Régulation ; 3. Liquidation du titulaire de licence ; 4. Révocation et expiration de l'autorisation de construction.

<u>Ingingo ya 39 :</u> Gutesha agaciro uruhushya rwo gushyiraho sitasiyo Urwego Ngenzuramikorere rushobora gutesha agaciro uruhushya mbere y'uko rurangira mu bihe bikurikira : **1.** Guha Urwego Ngenzuramikorere amakuru atari ay'ukuri cyangwa ayobya bigambiriwe mu gihe asubiza Urwego ku bibazo abajijwe cyangwa ku bisabwa n'Urwego ku birebana n'ibikorwa byo gukurikirana, kugenzura no gukora raporo; **2.** Kutishyura amafaranga asabwa ku ruhushya mu mezi atatu akurikira isohoka ry'uruhushya rwo gushyiraho sitasiyo.	**<u>Article 39 :</u> Cancelation of an installation license** The Regulatory Authority may cancel the license before its expiration in the following cases: **1.** Submittal of false or deliberately misleading data or information to the Regulatory Authority in response to its request or in response to its monitoring reporting inspection or audit requirements; **2.** Failure to pay license fees within three months after issuance of the installation license.	**<u>Article 39 :</u> Annulation d'une licence d'installation** L'Autorité de Régulation peut annuler la licence avant son expiration dans les cas suivants : **1.** La soumission de données ou d'informations fausses ou délibérément trompeuses à l'Autorité de Régulation en réponse à sa demande ou en réponse à ses conditions d'inspection de rapports de surveillance ou d'audit ; **2.** Le non-paiement des frais de licence dans les trois mois suivant la délivrance de la licence d'installation.
<u>Ingingo ya 40 :</u> Kujurira Usaba uruhushya atanyuzwe n'icyemezo cy'Urwego Ngenzuramikorere ashobora gushyikiriza ikibazo cye Urukiko rubifitiye Ububasha. Icyemezo cy'Urwego Ngenzuraikorere gikomeza kugira agaciro kacyo kugeza igihe gikuriweho mu buryo budasubirwaho n'icyemezo cy'Urukiko.	**<u>Article 40 :</u> Apeal** Any applicant who is not satisfied with the decision of the Regulatory Authority may file a claim to a Competent Court. The decision of the Regulatory Authority remains effective until it is definitively overruled by a Court decision.	**<u>Article 40</u> : Recours** Tout demandeur qui n'est pas satisfait de la décision de l'Autorité de Régulation peut déposer une plainte auprès d'un Tribunal Compétent. La décision de l'Autorité de Régulation reste effective jusqu'à ce qu'elle soit définitivement annulée par une décision du Tribunal.
<u>Ingingo ya 41</u> : Guhindura ibishushanyombonera bya sitasiyo	**<u>Article 41 :</u> Modification of petrol service station design drawings**	**<u>Article 41 :</u> Modification des plans de conception des stations-service**

Uwahawe uruhushya ntabwo ashobora guhindura ibishushanyombonera byemejwe cyeretse iyo ibigomba guhindurwa byemejwe n'Urwego Ngenzuramikorere. Uwahawe uruhushya wifuza guhindura ibishushanyombonera asaba kubyemererwa atanga nyandiko zikurikira: **1.** Kopi y'uruhushya rwo gushinga cyangwa kuvugurura sitasiyo; **2.** Kopi yo kwemererwa guhindura sitasiyo itangwa n'Urwego rubifitiye ububasha; **3.** Kopi y'ibishushanyombonera by'ibigomba guhinduka.	A licensee or authorization holder cannot modify approved design drawings unless the modification is approved by Regulatory Authority. Any licensee or authorization holder who wishes to modify the design drawings seeks an approval by submitting the following documents: **1.** A copy of installation license or upgrade authorization; **2.** A copy of the modification approval issued by a competent authority; **3.** A copy of the proposed design drawings modification.	Un titulaire de licence ou d'autorisation ne peut pas modifier les dessins de conception approuvés à moins que cette modification ne soit approuvée par l'Autorité de Régulation. Tout titulaire de licence ou d'autorisation qui souhaite modifier les dessins de conception demande une approbation en soumettant les documents suivants : **1.** Une copie de la licence d'installation ou de l'autorisation de rénovation ; **2.** Une copie d'approbation de modification délivrée par une autorité compétente ; **3.** Une copie de modification des dessins de conception proposée.
Icyiciro cya 2 : Aho abakiriya bagurira peteroli	**Section 2 : Consumer site**	**Section 2 : Site des consommateurs**
Ingingo ya 42 : Gusaba uruhushya rwo gushyiraho aho abakiriya bagurira peteroli Umuntu wese wifuza gushyiraho aho abakiriya bagurira peteroli abisabira uburenganzira mu Rwego Ngenzuramikorere. Ubwo busabe buba bugizwe n'izi nyandiko zikurikira: **1.** Gihamya ko peteroli igurwa n'abakiriya irenga metero kibe 10 mu cyumweru;	**Article 42 : Application for authorization of a consumer site installation** Any person wishing to install a consumer site sends an application to the Regulatory Authority. The application includes the following documents: **1.** Proof of fuel consumption exceeding ten cubic meters per week;	**Article 42 : Demande d'autorisation d'installation d'un site des consommateurs** Toute personne désireuse d'installer un site des consommateurs adresse une demande à l'Autorité de Régulation. La demande comprend les documents suivants: **1.** Preuve d'une consommation de carburant supérieure à dix mètres cubes par semaine ;

2. Kopi y'uruhushya rwo kubaka rutangwa n'Urwego rubifitiye ububasha; **3.** Kopi y'ibyangombwa by'ubutaka; **4.** Kopi y'Icyemezo cy'Inyigo Nsuzumangaruka ku Bidukikije; **5.** Kopi y'igishushanyo cy'ahubakwa n'iy'ibishushanyo by'icyitegererezo iriho amakuru arambuye yemejwe n'Urwego rubifitiye ububasha; **6.** Inyemezabwishyu y'amafaranga yo gusaba uruhushya nk'uko agaragara ku mugereka wa mbere w'aya mabwiriza; **7.** Andi makuru yose Urwego Ngenzuramikorere rushobora gusaba. Urwego Ngenzuramikorere rumenyesha uwasabye umwanzuro wafatiwe ubusabe bwe mu gihe kitarenze iminsi makumyabiri n'umwe (21) y'akazi ibarwa uhereye igihe inyandiko zisabwa zatangiwe.	**2.** A copy of construction permit issued by the Competent Authority; **3.** A copy of land title; **4.** A copy of an environmental impact assessment certificate where applicable; **5.** A copy of a site plan and detailed drawing designs approved by a Competent Authority; **6.** A Proof of payment of the license application fee as specified in annex one of this regulation; **7.** Any other information required by the Regulatory Authority. The Regulatory Authority notifies the applicant the decision taken thereof not later than 21 working days after the submission of all required documents.	**2.** Une copie de l'autorisation de construction emise par l'Autorité Compétente ; **3.** Une copie du titre foncier ; **4.** Une copie d'un certificat d'évaluation d'impact sur l'environnement, le cas echéant ; **5.** Une copie d'un plan du site et des plans de conception détaillés approuvés par une Autorité Compétente ; **6.** Une preuve de paiement des frais de demande de licence tel que spécifiés à l'annexe I du présent règlement. **7.** Toute autre information pouvant être requise par l'Autorité de Régulation. L'Autorité de Régulation notifie au demandeur la décision prise endéans vingt- et-un (21) jours ouvrables à compter à partir de la date de soumission de tous les documents requis.
<u>Ingingo ya 43 :</u> Agaciro k'uruhushya rwo gushyiraho aho abakiriya bagurira peteroli Agaciro k'uruhushya rwo gushyiraho aho abakiriya bagurira peteroli kamara imyaka itatu (3). Iyo agaciro k'uruhushya karangiye mbere y'uko imirimo yo gushyiraho aho	**<u>Article 43</u>: Validity for authorization of a consumer site installation** The authorization of a consumer site installation is valid for a period of three years. When the authorization is expired before starting the installation works, such	**<u>Article 43</u> : Validité d'une autorisation d'installation d'un site des consommateurs** L'autorisation d'installation d'un site des consommateurs est valable pour une période de trois (3) ans. Lorsque l'autorisation expire avant le début des travaux d'installation, cette

abakiriya bagurira peteroli itangira, urwo ruhushya ruba rutagifite agaciro kandi usaba agomba kwandika asaba urundi ruhushya hakurikijwe ibiteganywa n'aya mabwiriza. Igihe cy'inyongera ku ruhushya rutagifite agaciro mu gihe imirimo yo kubaka no gushyiraho aho abakiriya bagurira peteroli igikomeje, kigomba gutangwa hashingiwe ku gihe cy'inyongera cy'uruhushya rwo kubaka.	authorization ceases to have effect and the applicant applies for a new authorization in accordance with the provisions of this regulation. An extension period for the expired authorization while construction and installation works are ongoing, is given based on the extension period of the construction permit.	autorisation cesse de porter des effets et le demandeur demande une nouvelle autorisation conformément aux dispositions du présent règlement. Une période de prolongation de l'autorisation expirée alors que les travaux de construction et d'installation sont encore en cours, est accordée en fonction de la période de prolongation de l'autorisation de bâtir.
Ingingo ya 44 : Amafaranga yishyurwa ku ruhushya Uruhushya rwo gushyiraho aho abakiriya bagurira peteroli ruhabwa uwarusabye nyuma yo kwerekana inyemezabwishyu y'amafaranga y'ubusabe nk'uko asobanuwe mu mugereka wa kabiri w'aya mabwiriza.	**Article 44: Authorization fee** An authorization of a consumer site installation is issued to the applicant upon presentation of proof of payment of the authorization fee as specified in annex II of this regulation.	**Article 44 : Frais d'autorisation** Une autorisation d'installation d'un site des consommateurs est octroyée au demandeur sur présentation de preuve de paiement des frais d'autorisation tel que spécifiés dans l'Annexe II du présent règlement.
Ingingo ya 45 : Inshingano z'uwahawe uruhushya Umuntu wese ufite uburenganzira bwo gushyiraho aho abakiriya bagurira peteroli agomba: **1.** Kubahiriza Amabwiriza y'Ubuziranenge yemejwe akoreshwa mu Rwanda yerekeranye n'imicururize ya petroli n'ibiyikomokaho;	**Article 45 : Obligations of an authorisation holder** Any person authorised to install a consumer site must : **1.** Abide by the adopted Rwandan Standards relating to downstream petroleum industry;	**Article 45: Obligations d'un titulaire d'autorisation** Toute personne autorisée à installer un site des consommateurs a les obligations suivantes : **1.** Se conformer aux normes rwandaises adoptées relatives à l'industrie pétrolière en aval ;

2. Gukurikiza ibishushanyombonera n'igishushanyo cy'icyitegererezo cy'ahateganyijwe kujya umushinga w'aho abakiriya bagurira peteroli; **3.** Kubimenyesha Urwego Ngenzuramikorere mbere yo gushyira mu kibanza ibigega by'ububiko bwa petroli kugirango bikorerwe ubugenzuzi; **4.** Kwerekana urwo ruhushya buri gihe ku kibanza nk'ikimenyetso kigaragaza ko yemerewe kuhakorera imirimo iteganyijwe; **5.** Kubahiriza ibisabwa byose mu rwego rw'ikurikiranabikorwa, gutanga raporo n'urw'ishyirwa mu bikorwa bisabwa n'Urwego Ngenzuramikorere; **6.** Kudahererekanya uruhushya n'undi muntu usibye gusa iyo iryo hererekanya ryemewe n'Urwego Ngenzuramikorere;	**2.** Adhere to the approved design drawings and site plan of a consumer site project; **3.** Notify the Regulatory Authority before installation of fuel storage tanks for inspection; **4.** Exhibit such authorization at all times on site as evidence that he/she is authorized to carry out the intended works; **5.** Comply with all monitoring, reporting requirements and enforcement actions imposed by the Regulatory Authority; **6.** Not transfer the authorization to a third party unless such transfer is approved by the Regulatory Authority.	**2.** Respecter les dessins de conception et le plan du site du projet de site des consommateurs approuvés ; **3.** Aviser l'Autorité de Régulation avant l'installation des réservoirs de stockage de carburant en vue d'inspection ; **4.** Présenter cette autorisation à tout moment sur le site comme preuve qu'il est autorisé à effectuer les travaux prévus ; **5.** Se conformer à toutes les conditions de surveillance, de rapports et de mise en œuvre imposées par l'Autorité de Régulation ; **6.** Ne pas transférer l'autorisation à un tiers à moins que ce transfert ne soit approuvé par l'Autorité de Régulation ;
<u>UMUTWE WA V:</u> IMIKORERE YA SITASIYO	**<u>CHAPTER V:</u> OPERATION OF A PETROL SERVICE STATION**	**<u>CHAPITRE V</u> : OPERATION D'UNE STATION SERVICE**
<u>Icyiciro cya mbere :</u> Imikorere yo gucuruza sitasiyo	**<u>Section One :</u> Operation activities for a petrol service station**	**<u>Section première:</u> Activités d'opération pour une station-service**

<u>Ingingo ya 46 :</u> Gutangiza sitasiyo Mbere yo gukoresha sitasiyo, Urwego Ngenzuramikorere rukora igenzura rukareba niba ibikorwaremezo byose bya sitasiyo bikurikije ibishushanyombonera biriho amakuru arambuye byemejwe. Mbere yo gutangira kuyikoresha, Umucuruzi agomba kureba niba ibice byose bigize sitasiyo bikora mu byuryo bwuzuye nk'uko biteganywa n'amabwiriza y'ubuziranenge agenderwaho muri urwo rwego.	**<u>Article 46 :</u> Commissioning of a petrol service station** Prior to operation, the Regulatory Authority conducts an inspection to ensure that all service station facilities comply with the approved detailed designs. The Operator also ensures that all components of the petrol service station are fully functional as per the standards requirements prior to commencement of operations.	**<u>Article 46:</u> Mise en service d'une station-service** Avant l'opération, l'Autorité de Régulation procède à une inspection pour s'assurer que toutes les infrastructures de la station-service sont conformes aux conceptions détaillées approuvées. Avant de commencer les opérations, l'Opérateur s'assure également que toutes les parties de la station-service sont entièrement fonctionnelles conformément aux conditions en matière de normes.
<u>Ingingo ya 47:</u> Gupakurura peteroli n'ibiyikomokaho Amakamyo afite ibigega yashyizweho uburyo bwo kuringaniza umwuka uterwa n'itumuka rya peteroli, apakiye ibikomoka kuri peteroli agomba kugira impombo ebyiri (2) ziyacometseho; imwe yo gupakurura ibikomoka kuri peteroli bishyirwa mu ikamyo ifite ikigega n'indi yo gukusanya umwuka uterwa n'itumuka ry'ibikomoka kuri peteroli usohoka uva ku ikamyo ifite ikigega ugana aho ukusanyirizwa. Uruhombo rw'umwuka utumuka uva muri peteroli rugomba gucomekwa mbere y'uruhombo rukoreshwa mu kugemura kandi bigakorwa mbere yo gutangira gupakurura ibikomoka kuri peteroli; Urwo ruhombo ntirugomba gucomokorwa keretse gupakurura	**<u>Article 47:</u> Off-loading of petroleum products** Road tankers with vapor balancing system, loaded with petroleum product have two hoses connected; one to load petroleum product into the tanker and another to collect vapor displaced out of the tanker to the recovery unit. The vapor hose is connected before the delivery hose prior to the off-loading of petroleum product and it is not disconnected until the delivery hose has been disconnected.	**<u>Article 47:</u> Déchargement de produits pétroliers** Les camions-citernes équipés du système d'équilibrage de la vapeur, chargés de produits pétroliers doivent avoir deux (2) tuyaux raccordés ; l'un pour charger du produit pétrolier dans le camion-citerne et l'autre pour collecter la vapeur éjectée en dehors du camion-citerne vers l'unité de récupération. Le tuyau de vapeur doit être raccordé avant le tuyau de refoulement et avant le déchargement du produit pétrolier, et il ne doit pas être débranché tant que le tuyau de refoulement n'a pas été purgé de la vapeur et débranché.

peteroli birangiye kandi yavanywemo umwuka wose usigayemo.		
<u>Ingingo ya 48</u> : Uko ikamyo ihagarikwa mu kibanza cya sitasiyo Ikamyo ifite ikigega igomba kuba ihagaze neza mu kibanza cya sitasiyo. Igomba kuba ihagaze ku buryo ishobora guhita ihavanwa igihe habaye impanuka. Nta kindi kinyabiziga cyemerewe kuba muri metero enye n'igice (4.5 m) uvuye aho ikamyo ifite ikigega ihagaze mu gihe cyo gupakurura.	**<u>Article 48 :</u> Position of the tanker in the delivery premises** The road tanker is completely within the boundary of the petrol service station premises. It is so positioned that it can be driven directly from the site in the event of a dangerous occurrence. No other vehicle movement is permitted within 4.5m from the tanker discharge manifold during the offloading.	**<u>Article 48 :</u> La position du camion-citerne dans les premises de livraison** Le camion-citerne doit être complètement dans la limite de la station-service. Il doit être positionné de manière à pouvoir s'évacuer directement du site en cas de danger. Aucun autre mouvement du véhicule ne doit être autorisé dans moins de 4,5 m du collecteur de déchargement du camion-citerne durant le déchargement.
<u>Ingingo ya 49</u> : Kubika ibikomoka kuri peteroli Ibigega bya peteroli bigomba kuzuzwa ku gipimo cyemewe kiri hafi ya mirongo cyenda ku ijana (90%) by'ubushobozi bwabyo. Hagomba kuba hariho uburyo bwo kumenya ingano y'aho peteroli irimo igeze kugirango ituzura igasendera.	**<u>Article 49 :</u> Storage of petroleum products** The tank is filled to an acceptable safe filling level corresponding to approximately 90% percent of capacity. The tank gauging system must be in place to avoid overflow of petroleum product.	**<u>Article 49:</u> Stockage des produits pétroliers** Les réservoirs doivent être remplis à un niveau de remplissage sûr et acceptable correspondant à environ quatre-vingt-dix (90%) de leurs capacités. Un système de jaugeage doit être installé pour éviter le débordement des produits pétroliers.

<u>Ingingo ya 50 :</u> Ingamba zo kubungabunga umutekano ku byerekeranye n'imirimo yo gutanga ibikomoka kuri peteroli	**<u>Article 50 :</u> Safety measures related to dispensing operations of petroleum products**	**<u>Article 50</u>: Les mesures de sécurité liées aux activités de distribution de produits petroliers**
Igikoresho cyo gutanga peteroli kigomba gukoreshwa hafashwe ingamba zo kubungabunga umutekano zikurikira: **1.** Kunywa itabi, ibishahi by'umuriro, gukoresha telefone zigendanwa, ibikoresho bya radiyo, cyangwa imashini za mudasobwa zigendanwa ntabwo zemewe ahantu hashobora guteza impanuka; **2.** Moteri z'ibinyabiziga zigomba kuba zizimije igihe byegereye igikoresho gitanga ibikomoka kuri peteroli kuri sitasiyo; **3.** Ibishyirwamo ibikomoka kuri peteroli bigomba gufungwa neza bikimara guhabwa peteroli hanyuma bigahita bivanwa aho ibikomoka kuri peteroli bitangirwa; **4.** Abacuruza cyangwa abatanga peteroli kuri sitasiyo bagomba buri gihe gufata uruhombo peteroli inyuramo igihe barimo kunywesha ibinyabiziga; **5.** Igikoresho cyo gutanga ibikomoka kuri peteroli kigomba gukoreshwa hakurikijwe amabwiriza yashyizweho n'uwagikoze.	The dispensing equipment is operated in accordance with the following safety measures : **1.** Smoking, naked flames, use of cellular/mobile telephones, radio equipment, or hand held computing devices shall not be allowed within the hazardous area; **2.** The engines of vehicles shall be switched off at the vicinity of dispensing equipment at a service station; **3.** Containers must be securely closed as soon as dispensing finishes and shall be removed from the dispensing area promptly; **4.** Operators or service stations' attendants shall always keep the nozzle while refueling; **5.** Dispensing equipment shall be operated in accordance with instructions of its manufacturer.	Le matériel de distribution doit être utilisé conformément aux mesures de sécurité suivantes : **1.** Le tabagisme, les flammes nues, l'utilisation de téléphones cellulaires/mobiles, d'équipements radio ou d'appareils informatiques portables ne sont pas autorisés dans la zone dangereuse ; **2.** Les moteurs des véhicules doivent être éteints dans la proximite de l'équipement de distribution d'une station-service; **3.** Les conteneurs doivent être soigneusement fermés dès la fin de la distribution et doivent être évacués rapidement de la zone de distribution ; **4.** Les opérateurs ou les pompistes des stations-service doivent toujours tenir la buse lors du ravitaillement ; **5.** L'équipement de distribution doit être utilisé conformément aux instructions de son fabricant.

<u>Ingingo ya 51 :</u> Gutanga raporo y'ibizazane byabaye Uwahawe uruhushya atanga raporo ku Rwego Ngenzuramikorere ku byerekeranye n'ibikomoka kuri peteroli byavuye ari byinshi cyangwa byamenetse mu minsi 48 kandi agomba gusobanura neza ibi bikurikira : **1.** Ahantu n'itariki byabereye; **2.** Gusobanura muri make uko impanuka yabaye, abantu bayikomerekeyemo cyangwa umutungo wangiritse; **3.** Ingamba zafashwe zo gukosora ikibazo cyabaye, niba zihari.	**<u>Article 51 :</u> Reporting hazards** The licensee reports major or significant leaks and spillages incidents to the Regulatory Authority within 48 hours and clearly provide the following : **1.** The location and date of the incident; **2.** A brief description of the incident, injuries to people or property; **3.** The corrective actions taken, if any.	**<u>Article 51 :</u> Signalement des dangers** Le titulaire de la licence doit signaler des fuites et des déversements majeurs ou importants à l'Autorité de Régulation et indiquer clairement ce qui suit : **1.** L'emplacement et la date de l'incident **2.** Une brève description de l'incident, des blessures causées aux personnes ou des dégâts matériels, **3.** Les mesures correctives prises, le cas échéant.
<u>Icyiciro cya 2 :</u> Gufata neza ibikoresho no gucunga ibyamenetse hasi	**<u>Section 2 :</u> Maintenance and spill management**	**<u>Section 2 :</u> Entretien et gestion des déversements**
<u>Ingingo ya 52 :</u> Gufata neza ibikoresho Uwahawe uruhushya agomba buri gihe gufata neza ibikoresho nk'uko bisobanurwa mu mabwiriza y'ibipimo RS 141-1 kandi gusukura ibigega n'ibindi bikoresho bijyana na byo bigomba gukorwa buri myaka ibiri (2); Uwahawe uruhushya akora isuzuma ry'ubuzima bw'ibigega by'ububiko bitabye n'ubw'impombo zitabye buri myaka 10. Mu gihe habayeho gukemanga ko byaba byaratobotse biva, uwahawe uruhushya ashobora gukora iryo suzuma mbere y'igihe cyavuzwe hejuru.	**<u>Article 52 :</u> Maintenance of equipment** The licensee conducts regular maintenance of equipment as specified in RS 141-1 and the cleaning of the tanks and their accessories shall be conducted on a two years basis; The licensee perfoms an integrity test for underground storage tanks and its associated undergound pipe on ten years' basis. In case the tanks are suspected for leakage, the licensee may conduct the integrity test before the above mentioned time.	**<u>Article 52 :</u> Entretien d'équipement** Le titulaire de la licence doit procéder à un entretien régulier de l'équipement tel que spécifié dans les normes RS 141-1 et au nettoyage des citernes et de leurs accessoires tous les deux (2) ans ; Le titulaire de licence effectue un test d'integrité pour les réservoirs souterrains et leurs tuyaux souterrains connexes tous les dix ans. Dans le cas ou les tuyeaux sont suspectés d'avoir des fuites, le titulaire de licence peut effectuer un test d'integrite avant le temps ci-haut mentionné.

Imirimo ihambaye yo gusana, kuvanaho cyangwa kureka gukoresha ibigega, ibyumba by'ibigega, imiyoboro, ipombo za mubazi, imashini zitanga ibikomoka kuri peteroli ndetse n'ibikoresho bijyana na byo bigomba gukorwa nyuma yo gukuramo ibikomoka kuri peteroli kandi ari nta mwuka ubikomokaho ugomba kuba ugitumuka.	Any significant repairs, removals or abandonments of tanks, tank compartments, pipelines, metering pumps, dispensers and associated equipment is carried out after being drained, free from fuel vapor.	Toute grande réparation, déménagement ou abandon de citernes, des compartiments de citerne, des canalisations, des pompes de mesurage, des distributeurs et équipements associés doit être effectué après vidage et l'expulsion de vapeur d'essence.
<u>Ingingo ya 53</u> : Kureba no kumenya niba ibikoresho biva Ikigega cya peteroli cyose giketsweho kuva cyangwa icyumba cyacyo bigomba gukorerwa isuzuma hakoreshejwe amazi cyangwa guhagamo umwuka hanyuma ikigega cy'ububiko kigaragaye ko cyangiritse cyangwa imashini itanga peteroli idakora neza ikavanwa mu bikoreshwa; Ibigega by'ububiko bwo munsi y'ubutaka n'impombo zijyanamo ibikomoka kuri peteroli bigomba guhora bigenzurwa hagamijwe kureba niba biva.	**<u>Article 53 :</u> Leaks detection** Any suspected tank or compartment is subject to an ullage test using water or a pressure test and any defective storage and dispensing equipment shall be taken out of service. Underground tanks and supply pipelines are monitored regularly to detect leaks.	**<u>Article 53 :</u> Détection des fuites** Tout réservoir ou compartiment soupçonné doit subir un test de l'ouillage en utilisant de l'eau ou un test de pression et tout équipement de stockage et de distribution défectueux doit être mis hors usage ; Les réservoirs souterrains et les canalisations d'alimentation doivent être régulièrement surveillés pour en détecter les fuites.
<u>Ingingo ya 54 :</u> Imicungire y'ibikomoka kuri peteroli byamenetse Hagomba kubaho gahunda yanditse y'imicungire y'ibikomoka kuri peteroli byamenetse mu rwego rwo kubonera igisubizo gikwiye ibyamenetse biva muri kigega cy'ububiko no gukora ku buryo abakozi bamenyera iyo gahunda.	**<u>Article 54 :</u> Spill management** There is a written spill management plan to ensure effective response to container spill and ensure that staff are familiar with that plan.	**<u>Article 54 :</u> Gestion des déversements** Il doit y avoir un Plan écrit de Gestion des Déversements pour donner une réponse efficace au déversement de citernes et pour veiller à ce que le personnel soit familier avec ce plan.

Peteroli iva cyangwa iyameneka igomba kubuzwa kurenga sitasiyo. Aho ibikomoka kuri peteroli byaviriye cyangwa byamenetse hagomba guhita hasukurwa hifashishijwe umucanga wumutse cyangwa ibindi bikoresho binyunyuza ibisukika byamenetse. Igikoresho cyo gushyiramo ibyamenetse kiri ahitaruye kigomba gushyirwa ahitaruye aho banyweshereza ibikomoka kuri peteroli. Ibikomoka kuri peteroli byose byamenetse bigomba kuvanwaho kandi bikagira aho bimenwa. Iyo umuyoboro ucitsemo kabiri, ahantu hakorerwa hagomba guhuzwa n'akararo gakoze mu rusinga ruremereye kandi rufunitse mu rwego rwo kwirinda ko havuka ibishashi biturutse ku muriro wayobeye ku mpande cyangwa se umuriro w'amashanyarazi.	Any leaks or spills are prevented from escaping from the petrol service station premises. Small leaks or spills are cleared up promptly by the application of dry sand or any other absorbent material. A remote fill box incorporating spill containment is provided on the off-site filling points. Any spillage of product is collected and disposed off. When continuity in a pipeline is broken, the work area is bridged with a heavy electrical jumper cable to reduce the risk of sparks from stray or induced currents.	Toute fuite ou déversement doit être empêché de s'échapper de la station-service. Les petites fuites ou déversements doivent être nettoyés rapidement par une application de sable sec ou de tout autre matériel absorbant. Une boîte de remplissage à distance contenant un confinement de déversement doit être disponible sur les points de ravitaillement hors site. Tout déversement de produit doit être collecté et enlevé. Lorsque la continuité d'une canalisation est interrompue, la zone de travail doit être pontée avec un lourd câble volant pour réduire le risque d'étincelles provenant de courants égarés ou induits.
<u>Ingingo ya 56:</u> Kuvanaho sitasiyo Ikigega cyose kivanywe mu cyobo cyari giteretsemo kigomba kuvanwaho mu mutekano kandi kikuzuzwamo ibintu byemewe gushyirwamo; kandi kuvanaho ibitembo bigomba kubahiriza amabwiriza ya RS141-1.	**<u>Article 56 :</u> Decommissioning of a petrol service station from operation** Any tank which has been removed from its excavation is disposed off safely and be filled with acceptable materials filler and the removal of pipe work shall comply with RS 141 -1.	**<u>Article 56:</u> Déclassement d'une station-service** Tout réservoir retiré de son excavation doit être enlevé en toute sécurité et être rempli d'une charge de matériel acceptable ; et le retrait des tuyauteries doit se conformer aux normes RS 141-1.

UMUTWE WA VI : IMITANGIRE Y'IMPUSHYA ZO KUDANDAZA IBIKOMOKA KURI PETEROLI KURI SITASIYO	**CHAPTER VI : LICENSING REGIME FOR RETAIL OF PETROLEUM PRODUCTS AT A PETROL SERVICE STATION**	**CHAPITRE VI: REGIME D'OCTROI DE LICENCE POUR LA VENTE AU DETAIL DES PRODUITS PETROLIERS DANS UNE STATION-SERVICE**
Ingingo ya 57: Gusaba uruhushya rwo kudandaza serivisi za sitasiyo Umuntu wese wifuza kudandaza serivisi za sitasiyo agomba gushyikiriza Umuyobozi Mukuru w'Urwego Ngenzuramikorere ibaruwa isaba iherekejwe n'inyandiko zikurikira : **1.** Amasezerano y'Ubukode hagati ya nyiri Sitasiyo n'udandaza cyangwa icyemezo kigaragaza ko ari we nyiri iyo sitsiyo; **2.** Kopi y'icyemezo cy'iyandikisha ry'isosiyete gisobanura ko ibikomoka kuri peteroli biri mu bikorwa by'ubucuruzi yemerewe gukora; **3.** Icyemezo kigaragaza ko sitasiyo yubahirije ibisabwa mu bijyanye no kuyishyiramo amashanyarazi gitangwa n'umuntu ubifitiye uburenganzira; **4.** Gahunda y'Ibikorwa y'Imyaka 5; **5.** Icyemezo cy'ibipimo bikoreshwa ku kigega cy'ibicanwa n'icyemezo cy'isuzuma rikorwa hifashishijwe	**Article 57: Application for a retail license of a petrol service station** Any one who wishes to operate a petrol service station as a retailer submits an application to the Regulatory Authority by providing the following documents: **1.** The Rent agreement between service station owner and the retailer or proof of ownership; **2.** A copy of business registration certificate specifying that petroleum products retail services are among the businesses to carry out; **3.** Certificate of compliance for electrical installation issued by a licensed person; **4.** A five years business plan; **5.** Fuel tank calibration and pressure test certificate from an accredited person;	**Article 57 : Demande de licence de vente au détail pour une station-service** Toute personne qui souhaite exploiter une station-service en tant que détaillant introduit une demande auprès de l'Autorité de Régulation en fournissant les documents suivants : **1.** Le contrat de location entre le propriétaire de la station-service et le détaillant ou une preuve de propriété ; **2.** Une copie du certificat d'enregistrement de la société indiquant que les services de vente au détail des produits pétroliers figurent parmi les activités qu'elle est autorisee à mener ; **3.** Un certificat de conformité d'installation électrique délivrée par une personne agréée ; **4.** Un Plan d'Affaires de 5 ans ; **5.** Certificat d'étalonnage et de test de pression du réservoir de carburant émise par personne accréditée ;

uburyo bwo guhagamo umwuka bitangwa n'umuntu wemewe; **6.** Inyemezabwishyu y'amafaranga y'ubusabe nk'uko agaragara mu Mugereka wa kabiri w'aya mabwiriza; **7.** Andi makuru y'inyongera yakenerwa kugirango Urwego Ngenzuramikorere rufate icyemezo rufite amakuru nyayo. Urwego Ngenzuramikorere rugomba kumenyesha uwasabye icyemezo rwafashe kuri ubwo busabe mu minsi makumyabiri n'umwe (21) y'akazi ibarwa uhereye igihe inyandiko zose zisabwa zatangiwe.	**6.** Proof of payment of the application fee as specified in Annex II of this regulation; **7.** Any other additional information that may be necessary to enable the Regulatory Authority to make an informed decision. The Regulatory Authority notifies the applicant the decision taken thereof not later than 21 working days after the submission of all required documents.	**6.** Preuve de paiement des frais de demande tel que spécifiés dans l'Annexe deux du présent règlement ; **7.** Toute autre information supplémentaire qui peut être nécessaire pour permettre à l'Autorité de Régulation de prendre une décision en connaissance de cause. L'Autorité de Régulation doit notifier au demandeur la suite réservée à sa demande endéans vingt-et-un (21) jours ouvrables à partir de la date de soumission de tous les documents requis.
<u>Ingingo ya 58 :</u> Amafaranga yishyurwa ku ruhushya rwo kudandaza Uruhushya rwo kudandaza ruhabwa usaba nyuma yo kwerekana inyemezabwishyu y'amafaranga atangwa ku ruhushya nk'uko ateganyijwe mu Mugereka wa mbere w'aya Mabwiriza.	**<u>Article 58:</u> Retail license fee** A retail license is issued to the applicant upon presentation of proof of payment of the license fee as specified in Annex One to this regulation.	**<u>Article 58</u> : Frais de licence de vente au détail** La Licence de vente au détail est délivrée au demandeur sur présentation de preuve de paiement des frais de licence tel qu'indiqué à l'Annexe premier du présent règlement.
<u>Ingingo ya 59</u> : Igihe uruhushya rwo kudandaza rumara Uruhushya rwo kudandaza rumara imyaka itanu(5) ishobora kongerwa.	**<u>Article 59:</u> Validity for a retail license** The Retail license is valid for a period of five (5) years renewable.	**<u>Article 59</u> : Validité d'une licence de vente au détail** Une licence de vente au détail est valable pour une période de cinq (5) ans renouvelables.

<u>Ingingo ya 60 :</u> Inshingano z'uwahawe uruhushya rwo kudandaza sitasiyo Uwahawe uruhushya rwo kudandaza sitasiyo afite inshingano zikurikira : **1.** Gusuzma ibigega by'ububiko bw'ibikomoka kuri peteroli, amatiyo, imashini zitanga ibikomoka kuri peteroli n'ibikoresho byo kubungabunga umutekano ; **2.** Guhugura abakozi ku byerekeranye no kubungabunga umutekano, gutanga ibikomoka kuri peteroli na gahunda yo gucunga ibimenekana yashyizweho ; **3.** Kumenya no kureba buri gihe niba ibigega kimwe n'ibindi bikoresho bijyana nabyo biva no kubyoza buri myaka ibiri ; **4.** Gupakurura no kugurisha ibikomoka kuri petroli byujuje ubuzirangenge ; **5.** Kumenyesha Urwego Ngenzuramikorere ibintu byose by'ingenzi byavuye n'ibyamenetse mu gihe kivugwa muri aya mabwiriza ; **6.** Gutanga raporo zo mu rwego rwa tekiniki n'urw'imari mu buryo	**<u>Article 60:</u> Obligation of a petrol service station retail licensee** The holder of a retail license of the petrol service station, has the following obligations: **1.** Test fuel storage tanks, piping system, dispensers and safety equipment; **2.** Train personnel on safety, dispensing operations and spill management plan in place; **3.** Carry out a regular leak detection and cleaning of the tanks and their accessories on two years' basis; **4.** Off-load and sell standard petroleum products; **5.** Report to the Regulatory Authority all major leaks and spillages within the period stipulated under this regulation; **6.** Submit technical and financial report in a manner prescribed by the Regulatory Authority;	**<u>Article 60 :</u> Obligations d'un titulaire de licence de vente au detail pour une station – service** Le titulaire d'une licence de vente au détail de la station-service a les obligations suivantes : **1.** Tester les réservoirs de stockage de carburant, le système de tuyauterie, les distributeurs et l'équipement de sécurité ; **2.** Former le personnel sur la sécurité, les opérations de distribution et le plan de gestion des déversements en place ; **3.** Mener une recherche de fuite et un nettoyage réguliers des réservoirs et de leurs accessoires tous les deux ans ; **4.** Décharger et vendre des produits pétroliers standards ; **5.** Signaler à l'Autorité de Régulation toutes les fuites et les déversements importants dans le délai prévu par le présent règlement ; **6.** Soumettre un rapport technique et financier de la manière prescrite par l'Autorité de Régulation ;

bugenwa n'Urwego Ngenzuramikorere ; **7.** Kubahiriza ibiteganywa byose n'amabwiriza arebana n'imikorere ya sitasiyo.	**7.** Comply with all provisions of the regulations related to operation of Petrol service stations.	**7.** Se conformer à toutes les dispositions règlementaires relatives à l'exploitation des stations-service.
<u>Ingingo ya 61 :</u> Kongera agaciro k'uruhushya rwo kudandaza Iyo agaciro k'uruhushya karangiye, usaba ashobora kongera gusaba uruhushya akurikije ibiteganyijwe n'aya mabwiriza. Uwahawe uruhushya asaba kongera guhabwa uruhushya hasigaye nibura iminsi mirongo itatu (30) y'akazi ngo rurangire. Urwego Ngenzuramikorere rumenyesha uwasabye icyemezo rwafashe mbere y'uko uruhushya rwa mbere rurangirira.	**<u>Article 61:</u> Renewal of a retail license** When the license expires, the applicant may apply for a new license in accordance with the provisions of this Regulation. The licensee makes an application for a license renewal at least 30 working days prior to its expiration. The Regulatory Authority notifies the applicant the decision taken before the license expiration date.	**<u>Article 61:</u> Renouvellement d'une licence de vente au détail** Lorsque la licence expire, le demandeur peut en demander une autre conformément aux dispositions du présent règlement. Le titulaire de licence doit présenter une demande de renouvellement de licence au moins trente (30) jours ouvrables avant son expiration. L'Autorité de Régulation notifier sa décision au demandeur avant la date d'expiration de la licence.
<u>Ingingo ya 62:</u> Guhererekanya uruhushya rwo kudandaza Uwahawe uruhushya asaba Urwego Ngenzuramikorere uburenganzira bwo guhererekanya uruhushya yahawe n'undi muntu. Iyo uwahawe uruhushya atari we nyiri sitasiyo bwite, asaba nyirayo kubyemera mbere y'uko iryo hererekanya rikorwa. Igihe uruhushya rumara, ibyo rugena, n'ibyo rutegeka ntibihinduka.	**<u>Article 62 :</u> Transfer of a retail license** The licensee applies to the Regulatory Authority for a transfer of the license to another person. In case the licensee is not the owner of the petrol service station, he/she seeks for consent from the owner before the transfer of the license. The duration of the license, license terms and conditions remain the same.	**<u>Article 62:</u> Transfert d'une licence de vente au détail** Le titulaire de licence demande à l'Autorité de Régulation le transfert de la licence à une autre personne. Dans le cas où le titulaire de la licence n'est pas le propriétaire de la station-service, il demande l'accord du propriétaire avant le transfert de la licence. La durée de la licence, ses termes et ses conditions doivent rester les mêmes.

<u>Ingingo ya 63:</u> Ihagarikwa ry'uruhushya rwo kudandaza Urwego Ngenzuramikorere rushobora guhagarika uruhushya rwo kudandaza iyo uwaruhawe atubahiriza ibisabwa mu mikoreshereze yarwo. Ku byerekeranye na sitasiyo zisanzweho zitubahiriza ingamba zo kubungabunga umutekano n'ibisabwa ku byerekeranye n'imikorere yazo bivugwa muri aya mabwiriza, uruhushya rwo kudandaza ruhagarikwa iyo umucuruzi atubahirije gahunda y'ibigomba gukorwa yashyikirije Urwego Ngenzuramikorere kandi rukayemeza mbere yo gutanga uruhushya.	**<u>Article 63 :</u> Suspension of a retail license** The Regulatory Authority may suspend the retail license in the case of failure to comply with license terms and conditions. For any existing petrol station which does not meet the safety measures and operations requirement provided under this regulation, the retail license is suspended in case the operator fails to meet the roadmap submitted to and approved by the Regulatory Authority before issuance of the license.	**<u>Article 63 :</u> Suspension d'une licence de vente au détail** L'Autorité de Régulation peut suspendre la licence de vente au détail en cas de non-respect des termes et des conditions de la licence. Pour toute station-service existante qui ne respecte pas les mesures de sécurité et les conditions d'exploitation prévues par le présent règlement, la licence de vente au détail est suspendue si l'opérateur ne respecte pas la feuille de route soumise à l'Autorité de Régulation et approuvée par elle avant la délivrance de la licence.
<u>Ingingo ya 64:</u> Ivanwaho ry'uruhushya rwo kudandaza Urwego Ngenzuramikorere rushobora kuvanaho uruhushya mbere y'uko agaciro karwo karangira mu bihe bikurikira : **1.** Kureka imirimo yaherewe uruhushya; **2.** Kwanga kenshi gufatanya n'Urwego Ngenzuramikorere mu masuzuma n'amagenzura rukora; **3.** Iyo hakorwa ibikorwa byo kwegeranya no kugabagabana umutungo w'uwahawe uruhushya.	**<u>Article 64:</u> Revocation of a retail license** The Regulatory Authority may revoke the license before its expiration in the following cases: **1.** abandonment of licensed activities; **2.** Repetitive failure of the licensee to cooperate with the Regulatory Authority' inspection and audits; **3.** liquidation of the licensee.	**<u>Article 64</u> : Révocation d'une licence de vente au détail** L'Autorité de Régulation peut révoquer la licence avant son expiration dans les cas suivants : **1.** L'abandon des activités autorisées; **2.** Manquement répété du titulaire de la licence à coopérer avec l'inspection et les audits de l'Autorité de Régulation ; **3.** Liquidation du titulaire de licence.

<u>Ingingo ya 65 :</u> Gutesha agaciro uruhushya rwo kudandaza Urwego Ngenzuramikorere rushobora gutesha agaciro uruhushya mbere y'uko rurangira mu bihe bikurikira : **1.** Guha Urwego Ngenzuramikorere amakuru atari ay'ukuri cyangwa ayobya bigambiriwe mu gihe asubiza Urwego ku bibazo abajijwe cyangwa ku bisabwa n'Urwego ku birebana n'ibikorwa byo gukurikirana, kugenzura no gukora raporo; **2.** Kutishyura amafaranga asabwa ku ruhushya mu mezi atatu akurikira isohoka ry'uruhushya rwo kudandaza sitasiyo.	**<u>Article 65 :</u> Cancelation of a retail license** The Regulatory Authority may cancel the license before its expiration in the following cases : **1.** Submittal of false or deliberately misleading data or information to the Regulatory Authority in response to its request or in response to its monitoring reporting inspection or audit requirements ; **2.** Failure to collect within three months an issued retail license.	**<u>Article 65 :</u> Annulation d'une licence d'installation** L'Autorité de Régulation peut annuler la licence avant son expiration dans les cas suivants : **1.** La soumission de données ou d'informations fausses ou délibérément trompeuses à l'Autorité de Régulation en réponse à sa demande ou en réponse à ses conditions d'inspection de rapports de surveillance ou d'audit ; **2.** Le non-paiement des frais de licence dans les trois mois suivant la délivrance de la licence de vente au détail.
<u>Ingingo ya 66 :</u> Kuregera urukiko Usaba uruhushya utanyuzwe n'icyemezo cy'Urwego Ngenzuramikorere ashobora gushyikiriza ikibazo cye Urukiko rubifitiye Ububasha. Icyemezo cy'Urwego Ngenzuraikorere gikomeza kugira agaciro kacyo kugeza igihe gikuriweho n'icyemezo cy'Urukiko.	**<u>Article 66 :</u> File a case in Court** Any applicant who is not satisfied with the decision taken by the Regulatory Authority may file a case in a competent Court. The decision of the Regulatory Authority remains effective until it is overruled by a Court decision.	**<u>Article 66</u> : Recours au Tribunal** Tout demandeur qui n'est pas satisfait de la décision de l'Autorité de Régulation peut déposer une plainte auprès d'un Tribunal Compétent. La décision de l'Autorité de Régulation reste effective jusqu'à ce qu'elle soit annulée par une décision du Tribunal.

<u>UMUTWE WA VII</u>: IKURIKIRANA RY'ISHYIRWA MU BIKORWA	**<u>CHAPTER VII :</u> MONITORING AND ENFORCEMENT**	**<u>CHAPITRE VII:</u> SUIVI ET SURVEILLER LA MISE EN ŒUVRE**
<u>Ingingo ya 67 :</u> Ibisabwa mu gukurikirana ikoreshwa ry'uruhushya Urwego Ngenzuramikorere rugomba gukurikirana imikorere ya buri wese wahawe uruhushya rukareba niba yubahiriza amategeko yose n'amabwiriza arugenga. Aya magenzura ashobora gukorwa mu buryo butunguranye cyangwa budatunguranye. Ibikorwa byo gusuzuma no kugenzura bikorwa mu masaha asanzwe y'akazi, cyeretse iyo Urwego Ngenzuramikorere rufite impamvu zumvikana zo gukeka ko hari ibikorwa binyuranyije n'amabwiriza bikorwa mu masaha atari ay'akazi.	**<u>Article 67:</u> License monitoring requirements** The Regulatory Authority monitors the performance of each licensee for full compliance with all obligations of the license through inspections and audits. The inspections may be conducted on an announced or unannounced basis. The inspections and audits are conducted during normal business hours, except when the Regulatory Authority has a reasonable basis to believe that non-compliant activities are occurring outside of normal business hours.	**<u>Article 67:</u> Conditions d'inspection de licence** L'Autorité de Régulation doit surveiller la performance de chaque titulaire de licence en vue du respect total de tous les termes et conditions de la licence. Ces inspections peuvent être effectuées de façon annoncée ou improvisée. Les inspections et les audits doivent être effectués pendant les heures normales de services, sauf lorsque l'Autorité de Régulation a des motifs raisonables de croire que des activités de non conformité se déroulent en dehors des heures normales de service.
<u>Ingingo ya 68 :</u> Ishyirwa mu bikorwa ry'ibiteganyijwe mu ruhushya Iyo Urwego Ngenzuramikorere rubona ko uwahawe uruhushya yananiwe kubahiriza inshingano ze nk'uwahawe uruhushya, rumwohererezа ibaruwa yo kumwihanangiriza rukanamuha n'igihe ntarengwa cyo kuba yamaze gukosora ibyo atubahirije.	**<u>Article 68 :</u> License enforcement action** If the Regulatory Authority determines that the licensee has failed to comply with any obligations of the license, it sends a written warning to the licensee including a deadline for correction of the alleged license violation.	**<u>Article 68</u>: Action de mise en application des termes de la licence** Si l'Autorité de Régulation détermine que le titulaire de la licence n'a pas respecté ses obligations eu égard à la licence, elle envoit un avertissement écrit au titulaire de la licence, tout en indiquant le délai de correction de la violation alléguée.

Iyo uwahawe uruhushya, adakosoye ibyo aregwa kuba atarubahirije kandi yarabonye ibaruwa imwihanangiriza, Urwego Ngenzuramikorere rushobora gutangira kumufatira izindi ngamba zo mu rwego ngenzuramikorere zishobora kubamo igihano cyo gucibwa amafaranga.	If the licensee, after receipt of the warning from the Regulatory Authority, does not remedy the alleged non-compliance, the Regulatory Authority may proceed with further regulatory measures which may include monetary sanctions.	Si le Titulaire de la licence, après réception de l'avertissement de l'Autorité de Régulation ne corrige pas la non-conformité alléguée, l'Autorité de Régulation peut procéder aux autres mesures règlementaires pouvant inclure des sanctions pécuniaires.
Ingingo ya 69: Gusuzuma ibirego no gukemura amakimbirane Urwego Ngenzuramikorere rusuzuma kandi rugakemura ibirego binyuranye rushyikirijwe n'abakiriya cyangwa abacuruza serivisi za sitasiyo.	**Article 69: Complaints handling and dispute resolutions** The Regulatory Authority handles and resolves various types of complaints received from consumers and petrol service stations' operators.	**Article 69 : Traitement des plaintes et règlement des différends** L'Autorité de Régulation traite les différents types de plaintes portées par des consommateurs ou des opérateurs des stations-service.
UMUTWE WA VIII : INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA	**CHAPTER VIII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VIII : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**
Ingingo ya 70 : Imishinga na za Station ziriho ubungubu Bitabangamiye amategeko n'andi mabwiriza abigenga, ingingo ya 5, iya 24, iya 25, iya 26, iya 28, n'iya 29 ntizikurikizwa kuri sitasiyo zisanzweho zashinzwe mbere y'itariki aya mabwiriza yatangiriyeho gukurikizwa ; zipfa gusa kuba zubahiriza izindi ngingo z'aya mabwiriza.	**Article 70: Existing projects and Petrol service stations** Without prejudice to applicable laws and other regulations on the matter, articles 5, 24, 25, 26, 28, and 29 are not applicable to the existing petrol service stations installed before the date of commencement of this regulation provided that they comply with all other provisions of this regulation.	**Article 70 : Projets Stations-service existantes** Sans préjudice des lois et d'autres règlements applicables en la matière, les articles 5, 24, 25, 26, 28 et 29 ne sont pas applicables aux stations-service existantes installées avant la date d'entrée en vigueur du présent règlement à condition qu'elles soient conformes à toutes les autres dispositions du présent règlement.

Umucuruzi wa sitasiyo udafite uruhushya rwo kudandaza sitasiyo agomba kurusaba mu gihe kitarenze amezi atatu uhereye igihe aya mabwiriza atangiriye gukurikizwa.	Any operator of an existing petrol service station without a retail license shall apply for the license within three months from the effective date of this regulation.	Tout opérateur d'une station-service existante sans licence de vente au détail doit demander la licence dans les trois mois à compter de la date d'entrée en vigueur du présent règlement.
Sitasiyo zisanzweho zitubahirije ibiteganywa mu Mutwe wa kabiri icyiciro cya kabiri n'intera nto zishoboka zigomba kuba hagati y'ibikorwaremezo bya sitasiyo zisobanurwa mu mbonerahamwe y'Umugereka wa gatatu w'aya mabwiriza zigomba kuvugurura ibikorwaremezo byazo hakurikijwe gahunda y'ibikorwa yashyikirijwe Urwego Ngenzuramikorere kandi rukaba rwarayemeje. Ibikorwa byo kuvugurura sitasiyo zose ntibigomba kurenza imyaka ibiri nyuma yo guhabwa uruhushya rwo kudandaza sitasiyo no kwemera gahunda y'ibigomba gukorwa.	Existing petrol stations that do not meet the provisions set out in chapter II section 2 and minimum distances between facilities of a petrol service station described in the table of the Annex III of this regulation, shall upgrade its facilities as per the roadmap submitted to and approved by the Regulator. The overall upgrading process of all petrol stations shall not exceed a period of two years after the issuance of the retail license and the approval of the roadmap.	Les stations-service existantes qui ne respectent pas les dispositions énoncées au chapitre II section 2 et les distances minimales entre les infrastructures d'une station-service décrites dans le tableau de l'annexe III du présent règlement doivent rénover leurs infrastructures conformément à la plannification soumise et approuvée par le Régulateur. Le processus global de rénovation de toutes les stations-service ne doit pas dépasser une période de deux ans après la délivrance de la licence de vente au détail et l'approbation de la feuille de route.
Sitasiyo zisanzweho zidashobora kubahiriza ibiteganywa muri iyi ngingo zizavanwaho mu gihe kizagenwa n'Urwego rubifitiye ububasha. Ariko, iki gihe ntigishobora kurenga imyaka ibiri.	The existing petrol service stations that are unable to comply with this provision shall be decommissioned within a period set by the Competent Authority. However, this period must not exceed two years.	Les stations-service existantes qui ne sont pas en mesure de se conformer à cette disposition doivent être mises hors service dans un délai fixé par l'autorité compétente. Toutefois, ce délai ne doit pas dépasser deux ans.
Ku byerekeranye n'umushinga wa sitasiyo ufite ibaruwa y'inama zitangwa mbere yatanzwe mbere y'iyemezwa ry'aya mabwiriza, uwo mushinga uzagira agaciro mu gihe cy'amezi ane adashobora kongerwa kandi	Any petrol station project with a pre-consultation letter granted before the adoption of this regulation shall have a validity of four months non-renewable and be assessed based on the requirements of the previous repealed regulations.	Tout projet de station-service ayant une lettre de consultation préalable accordée avant l'adoption du présent règlement a une validité de quatre mois non renouvelables et est évalué sur base des dispositions du précédent règlement abrogé.

uzasuzuma hashingiwe ku byasabwaga mu mabwiriza avanyweho.		
<u>Ingingo ya 71</u> : Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza Ingingo z'amabwiriza yose abanziriza aya kandi anyuranyije nayo cyane cyane Amabwiriza N°003/R/GP-EWATSAN/RURA/2017 yo kuwa 4 Nzeri, 2017 agenga uburyo bwo gushyiraho, kuvugurura no gucuruza peteroli n'ibiyikomokaho mu Rwanda avanyweho.	**<u>Article 71 :</u> Repealing provision** All other prior provisions contrary to this regulation especially the Regulations N°003/R/GP-EWATSAN/RURA/2017 of 04th September, 2017 governing the installation, upgrade and operation of petrol service stations in Rwanda are hereby repealed.	**<u>Article 71 :</u> Disposition abrogatoire** Toutes les autres dispositions anterieures contraires au présent règlement spécialement Le Règlement N°003/R/GP-EWATSAN/RURA/2017 du 04/09/2017 régissant l'installation, la rénovation et l'exploitation des Stations –Services au Rwanda sont abrogées.
<u>Ingingo ya 72</u> : Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku itariki ashyiriweho umukono na Perezida w'Inama Ngenzuramikorere. Bikozwe ku wa 24/02/2023 **(sé)** **Dr GATERA Omar** **Perezida w'Inama Ngenzuramikorere**	**<u>Article 72:</u> Commencement** This regulation comes into force on the date of signature by the Chairperson of the Regulatory Board. Done on 24/02/202 **(sé)** **Dr GATERA Omar** **Chairperson of the Regulatory Board**	**<u>Article 72 :</u> Entrée en vigueur** Le présent règlement entre en vigueur à la date de sa signature par le Président du Conseil de Régulation. Fait le 24/02/2023 **(sé)** **Dr GATERA Omar** **Président du Conseil de Régulation**

<u>UMUGEREKA WA MBERE</u> : AMAKOSA N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI

TWABIBONYE KUGIRANGO BYOMEKWE KU MABWIRIZA N°08/R/GP-EWS/RURA/2023 YO KUWA 24/02/2023 AGENGA UBURYO BWO GUSHYIRAHO, KUVUGURURA NO GUCURUZA PETEROLI N'IBIYIKOMOKAHO MU RWANDA

Nomero	Ikosa	Igihano
1.	Gushyiraho sitasiyo nta ruhushya	Umuntu wese utangiza ibikorwa byo gushyiraho sitasiyo nta ruhushya abifitiye ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'amafaranga y'u Rwanda miliyoni eshanu (5.000.000 frw). Uwo muntu ahagarika ibikorwa byo gushyiraho sitasiyo noneho agasaba uruhushya rwo kuyishyiraho. Iyo ibikorwaremezo byashyizweho bitubahirije ibisabwa muri aya mabwiriza, uwo muntu agomba kuvanaho ibikorwa remezo bye ku mafaranga ye bwite.
2.	**Gukora ubucuruzi bwa sitasiyo nta ruhushya**	Umuntu wese utangira ubucuruzi bwa sitasiyo mbere yo guhabwa uruhushya rwo kudandaza ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda angana na miliyoni eshatu (3.000.000 frw) kandi ibikorwa bye bigahagarikwa kugeza igihe aherewe uruhushya.
3.	**Gushyiraho cyangwa kuvugurura sitasiyo mu buryo bunyuranyije n'ibishushanyombonera byemejwe**	Uwahawe uruhushya wese ushyiraho cyangwa uvugurura sitasiyo anyuranyije n'igishushanyombonera n'ibishushanyo byemejwe agomba guhita ahagarika imirimo yo kuyishyiraho kandi ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi

		ihwanye n’amafaranga y’u Rwanda angana na miliyoni imwe (1.000.000 frw). Uwahawe uruhushya cyangwa ufite uruhushya agomba guhuza ibikorerwaremezo bya sitasiyo n'ibiteganywa muri aya mabwiriza. Iyo ibikorwaremezo bidashobora kujyana n’ibiteganywa muri aya mabwiriza, uwo muntu agomba gukuraho ibikorwaremezo bye ku mafaranga ye bwite.
4.	**Kuvugurura sitasiyo nta ruhushya**	Umuntu wese ufashwe avugurura sitasiyo atabifitiye uruhushya, ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw’ubutegetsi ihwanye n’amafaranga y’ u Rwanda miliyoni eshatu (3.000.000 frw) kandi agategekwa guhagarika ibikorwa byo kuyivugurura kugeza ahawe uruhushya.
5.	**Kudandaza ibikomoka kuri peteroli bitujuje ubuziranenge**	Umuntu wese udandaza ibikomoka kuri peteroli bitujuje ubuziranenge cyangwa ugurisha ibikomoka kuri peteroli bivanzemo ibindi bintu ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw’ubutegetsi iteganywa n’itegeko rigenga ubucuruzi bwa peteroli n’ibiyikomokaho mu Rwanda.
6.	**Gucuruza ibikomoka kuri peteroli ku giciro kinyuranye n’icyemejwe kandi cyatangajwe n’Urwego Ngenzuramikorere**	Umuntu wese ugurisha ibikomoka kuri peteroli ku giciro kiri hejuru y’icyemejwe n’Urwego rubifitiye ububasha ahanishwa ihazabu ingana n’amafaranga y’ u Rwanda miliyoni eshanu (5.000.000 frw).
7.	**Gucururiza ibikomoka kuri peteroli mu bikorwaremezo cyangwa mu buryo butemewe**	Umuntu wese udandariza ibikomoka kuri peteroli ahatari kuri sitasiyo

		cyangwa mu gikorwaremezo cyemewe n'Urwego Ngenzuramikorere ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ihwanye n'amafaranga y'u Rwanda angana n'ibihumbi magana atanu (500.000 frws) kandi agategekwa guhagarika ibyo bikorwa.
8.	**Kudatanga amakuru**	Uwahawe uruhushya wese udatanga amakuru akenewe n'Urwego Ngenzuramikorere nk'uko bisobanuwe muri aya mabwiriza ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iteganyijwe mu itegeko rishyiraho Urwego Ngenzuranikorere.
9.	**Kutagira uburyo bukora bwo gucunga umutekano**	Uwahawe uruhushya wese ugaragayeho kugira uburyo bwo kurwanya inkongi y'umuriro no gucunga umutekano budakora neza ahanishwa ibihano biteganyijwe mu Iteka rya Minisitiri rigena imitunganyirize y'imijyi n'amabwiriza y'imyubakire.
10.	**Kudakora raporo ku kibazo kiba cyabaye**	Uwahawe uruhushya wese udakora raporo ku kibazo kiba cyavutse mu gihe giteganywa muri aya mabwiriza ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ihwanye n'amafaranga y'u Rwanda angana na miliyoni imwe (1.000.000 frws).

Bikozwe ku wa 24/02/2023

(sé)
Dr GATERA Omar
Perezida w'Inama Ngenzuramikor

ANNEX ONE : FAULTS AND ADMNISTRATIVES SANCTIONS

Number	Fault	Sanction
1.	**Installation of a service station without license**	Any person who starts the activities of installation of a service station without a license is liable to an administrative fine of 5,000,000 Rwanda francs. The person stops the installation activities and applies for a service station installation license. In case installed facilities can not comply with the provisions under this regulation, the person must remove the facilities at his/her own cost.
2.	**Operating a service station without license**	Any person who starts operating a service station before obtaining a Retail License is liable to an administrative fine of 3,000,000 Rwanda francs and suspension until the license granted.
3.	**Installation or upgrade of a petrol service station contrary to the approved design drawings**	Any Licensee or authorization holder who installs or upgrades a petrol Service Station contrary to the approved design drawings must stop the installation activity and is liable to an administartive fine of 1,000,000 Rwanda francs. The licensee or the authorization holder must also adjust all the Petrol Service Station facilities according to the provisions of this regulation. In case installed facilities can not comply with the provisions under this regulation, the person must remove the facilities at his/her own cost.

4.	**Upgrading a service station without authorization**	Any person found upgrading a service station without an authorization is liable to an administrative fine of 3,000,000 Rwanda francs and suspension of upgrading activities until authorization is granted.
5.	**Retailing substandard petroleum products**	Any person who retails substandard petroleum products or sells adulterated products is liable to an administrative fine as stipulated in law regulating petroleum and petroleum products trade in Rwanda.
6.	**Selling petroleum products on pump price higher than the one approved and published by the Regulatory Authority**	Any person who sells petroleum products on pump price higher than the one approved by the Competent Authority is liable to an administrative fine of 5,000,000 Rwanda francs.
7.	**Selling petroleum product through unauthorized facilities or means**	Any person who retails petroleum products through any facilities other than a Petrol Service Station or a facility approved by the Regulatory Authority is liable to a an administrative fine of 500,000 frw thousand and must stop the activities.
8.	**Failure to provide information**	Any licensee who fails to provide the information required by the Regulatory Authority as specified under these regulations is liable to an administrative fine as stipulated in the law establishing the Regulatory Authority.
9.	**Absence of functioning safety and security management systems**	Any licensee found with fire fighting and security management system without effective functioning, is liable to the sanctions provided for in the

		Ministerial Order determining urban planning and building regulations.
10.	**Failure to report incident**	Any licensee who fails to report an incident within the period stipulated under this regulation is liable to an administraive fine of 1,000,000 Rwanda francs.

SEEN TO BE ANNEXED TO REGULATION N°08/R/GP-EWS/RURA/2023 OF 24/02/2023 GOVERNING THE INSTALLATION, UPGRADE AND OPERATION OF PETROL SERVICE STATIONS IN RWANDA

Done on 24/02/2023

(sé)
Dr GATERA Omar
Chairperson of the Regulatory Board

ANNEXE I : FAUTES ET SANCTIONS ADMNISTRATIVES

Numéro	Faute	Sanction
1.	**Installation d'une station-service sans licence**	Toute personne qui commence les activités d'installation d'une station-service sans autorisation est passible d'une amende administrative de 5.000 .000 de francs rwandais. La personne arrête les activités d'installation et demande une licence d'installation de station-service. Dans le cas où les infrastructures installées ne peuvent pas se conformer aux dispositions du présent règlement, la personne doit enlever ces infrastructures à ses propres frais.
2.	**Opérer une station-service sans licence**	Toute personne qui commence à opérer une station-service avant d'obtenir une licence est passible d'une amende administrative de trois millions (3.000.000 frw) de francs rwandais et doit suspendre ses activités jusqu'à la délivrance de la licence.
3.	**Installation ou renovation d'une station-service contrairement aux dessins de conception approuvés**	Tout titulaire de licence ou d'autorisation qui installe ou fait la rénovation d'une station-service contrairement aux plans de conception approuvés doit cesser l'activité d'installation et est passible d'une amende administrative de 1.000.000 de francs rwandais. Le titulaire de licence ou de l'autorisation doit également aménager toutes les infrastructures de la Station-service conformément aux dispositions du

		présent règlement. Dans le cas où les infrastructures installées ne peuvent pas se conformer aux dispositions du présent règlement, la personne doit enlever ces infrastructures à ses propres frais.
4.	**Rénovation d'une station-service sans autorisation**	Toute personne trouvée en train de rénover une station-service sans autorisation, est passible d'une amende administrative de trois millions de francs rwandais (3.000.000frws) et doit suspendre les activités de rénovation jusqu'à ce que l'autorisation lui soit accordée.
5.	**Vente au détail des produits pétroliers de qualité inférieure**	Toute personne qui vend des produits pétroliers de qualité inférieure ou qui vend des produits frelatés, est passible d'une amende administrative stipulée dans la loi régissant le commerce du pétrole et des produits pétroliers au Rwanda.
6.	**Vendre des produits pétroliers au prix à la pompe supérieur à celui approuvé et publié par l'Autorité de Régulation**	Toute personne qui vend des produits pétroliers à un prix à la pompe supérieur à celui approuvé par l'Autorité Compétente, est passible d'une amende administrative de cinq millions (5.000.000 frw) de francs rwandais.
7.	**Vente de produits pétroliers par le biais d'infrastructures ou de moyens non autorisés**	Toute personne qui vend au détail des produits pétroliers dans des infrastructures autres qu'une station-service ou une infrastructure agréée par l'Autorité de Régulation est passible d'une amende administrative de 500.000 frws et doit cesser ces activités.

8.	**Omission de fournir des informations**	Tout titulaire de licence qui omet de fournir des informations requises par l'Autorité de Régulation tel que spécifié dans le présent règlement est passible d'une amende administrative stipulée dans la loi portant création de l'Autorité Régulation.
9.	**Absence de fonctionnement des systèmes de gestion de sécurité**	Tout titulaire de licence ayant un système de lutte contre les incendies et de gestion de la sécurité qui ne fonctionne pas correctement est passible des sanctions prévues par l'Arrêté Ministériel déterminant la règlementation de l'urbanisme et des constructions.
10.	**Omission de signaler des incidents**	Tout titulaire de licence qui ne signale pas un incident dans le délai prévu par le présent règlement est passible d'une amende administrative de 1.000.000 de francs rwandais.

VU POUR ETRE ANNEXE AU REGLEMENT N°08/R/GP-EWS/RURA/2023 DU 24/02/2023 REGISSANT L'INSTALLATION, LA RENOVATION ET L'EXPLOITATION DES STATIONS –SERVICES AU RWANDA

Fait le 24/02/2023

(sé)
Dr GATERA Omar
Président du Conseil de Régulation

<u>UMUGEREKA WA KABIRI</u>: AMAFARANGA ATANGWA KURI BURI SITASIYO

S/N	Ubwoko	Umubare (Frw)
1.	Ubusabe bw'inama zitangwa mbere	**200.000**
2.	Amafaranga y'ubusabe bw'uruhushya rwo kudandaza	**100.000**
3.	Amafaranga y'ubusabe bw'uruhushya rwo kuvugurura	**100.000**
4.	Amafaranga y'uruhushya rwo gushyiraho sitasiyo	**500.000**
5.	Amafaranga y'Uruhushya rwo kudandaza (imyaka 5)	**2.500.000**
6.	Amafaranga y'uruhushya rwo kuvugurura	**100.000**
7.	Amafaranga yo guhererekanya uruhushya	**100.000**

TWABIBONYE KUGIRANGO BYOMEKWE KU MABWIRIZA N°08/R/GP-EWS/RURA/2023 YO KUWA 24/02/2023 AGENGA UBURYO BWO GUSHYIRAHO, KUVUGURURA NO GUCURUZA PETEROLI N'IBIYIKOMOKAHO MU RWANDA

Bikozwe ku wa 24/02/2023

(sé)
Dr GATERA Omar
Perezida w'Inama Ngenzuramikorere

ANNEX II: APPLICABLE FEES PER A SERVICE STATION

S/N	Type	Amount (Frw)
1.	Application fee for the pre-consultation	**200,000**
2.	Application fee for Retail License	**100,000**
3.	Application fee for Upgrade Authorization	**100,000**
4.	Installation License Fee	**500,000**
5.	Retail License Fee (5 years)	**2,500,000**
6.	Authorization fee for upgrade activities	**100,000**
7.	Fee for Transfer of license	**100,000**

SEEN TO BE ANNEXED TO REGULATION N° 08/R/GP-EWS/RURA/2023 OF 24/02/2023 GOVERNING THE INSTALLATION, UPGRADE AND OPERATION OF PETROL SERVICE STATIONS IN RWANDA

Done on 24/02/2023

(sé)
Dr GATERA Omar
Chairperson of the Regulatory Board

ANNEXE II: FRAIS APPLICABLES A UNE STATION – SERVICE

S/N	Type	Montant (Frw)
1.	Frais de demande de consultation préalable	**200.000**
2.	Frais de demande de Licence de Vente au détail	**100.000**
3.	Frais de Licence de Rénovation	**100.000**
4.	Frais de Licence d'Installation	**500.000**
5.	Frais de Licence de vente au Détail (5 ans)	**2.500.000**
6.	Frais d'autorisation d'activités de rénovation	**100.000**
7.	Frais de transfert de licence	**100.000**

VU POUR ETRE ANNEXE AU REGLEMENT N°08/R/GP-EWS/RURA/2023 DU 24/02/2023 REGISSANT L'INSTALLATION, LA RENOVATION ET L'EXPLOITATION DES STATIONS –SERVICES AU RWANDA

Fait le 24/02/2023

(sé)
Dr GATERA Omar
Président du Conseil de Régulation

<u>UMUGEREKA WA GATATU:</u> GUTUNGANYA AHAZASHYIRWA SITASIYO

Sitasiyo ni umutungo ukoreshwa mu bucuruzi bw' ibikomoka kuri peteroli bikoreshwa n'ibinyabiziga bifite moteri. Sitasiyo ishobora kandi gutangirwamo izindi serivisi nk'izi zikurikira: ibikorwa byoroheje byo gusana ibinyabiziga no kubihindurira amavuta, kudandariza ibintu binyuranye, koza ibinyabiziga no guhoma amapine y'ibinyabiziga.

IBISABWA MU GUTEGURA AHAZASHYIRWA SITASIYO NO KUYIHASHYIRA	
1. INTERA NTO ZISHOBOKA ZIGOMBA KUBA HAGATI Y'IBIKORWAREMEZO BYA SITASIYO	
1.1. Intera iba hagati y'aho ahasakaye harangirira n'ahagenewe ibigega	Byibura : metero eshanu (5m)
1.2. Intera isabwa kuba iri hagati y'imashini zitanga ibikomoka kuri peteroli n'izindi nyubako.	Byibura: metero esheshatu (6 m)
1.3. Ingano y'ahasakaye	Byibura : metero cumi n'ebyiri kuri metero irindwi (12 m X 7 m) Byibura ubujyejuru : metero eshanu (5 m)
1.4. Intera isabwa kuba iri hagati y'ahagenewe gushyirwa ibigega bya peteroli n'izindi nyubako	Byibura : metero eshatu (3 m)
1.5. Ubwitarure bw'ahashyirwa ibigega	Byibura : metero ebyiri (2 m) uretse ahantu hatuwe

1.6. Intera nto ishoboka uvuye ku bitembo by'ubuhumekero	Metero eshatu (3 m) uvuye ku mwenge w'aho umwotsi usohokera, ahantu hose hari ubushyuhe cyangwa aho ariho hose hashobora guturuka umuriro. Metero imwe n'igice (1.5 m) uvuye ku rugi, ku idirishya cyangwa undi mwenge ufunguye uri mu nyubako
1.7. Ahagenewe umuhanda	Hagenwa n'amategeko abigenga
2. IMIKORESHEREZE	
2.1. Ibyo zitegetswe	Kugira ubwiherero rusange (butari munsi ya bubiri) • Ubwiherero bumwe bw'Abagabo • Ubwiherero bumwe bw'abagore.
2.2. Ibyo zemerewe	• Gutanga serivisi za sitasiyo • Ibikorwa byoroheje byo gusana ibinyabiziga no kubihindurira amavuta • Ahatangirwa serivisi zo guhoma amapine y'ibinyabiziga • Ahogerezwa ibinyabiziga • Aho kudandariza ibintu binyuranye na • Izindi serivisi zemewe n'Urwego Ngenzuramikorere
2.3. Ibyo zibujijwe	• Kuba amacumbi • Gukoreshwa nk'inganda • Kwifashishwa nk'inyubako zihuriramo abaturage (urunywero n'ibikorwaremezo byose bijyanye nabyo)
2.4. Ibijyana n'ibyo zemerewe gukora	Ibiro, ububiko n'icyumba cy'imashini ifitanye isano n'imikorere ya sitasiyo
2.5. Ubuso ikibanza kitajya munsi	• Ubuso bungana na metero kare 1200 kuri sitasiyo idafite aho ibinyabiziga bihindurirwa amavuta, • Ubuso bungana na metero kare 1500 kuri sitasiyo ifite aho ibinyabiziga bihindurirwa amavuta
3. IGICE GISAKAYE	
3.1. Ubugari bw'igice cya sitasiyo kireba ku muhanda	• Metero mirongo itatu (30 m)
3.2. Ubugari bw'aho kwinjirira no gusohokera	• Metero icyenda (9 m)

4. PARIKINGI	
4.1. Aho ishyirwa	Ahahagarikwa ibinyabiziga hagomba kuba ari mu mbibi z'ikibanza cya sitasiyo.
4.2. Ibisabwa hasi	Parikingi igomba kuba ishashemo ibikoresho bikomeye kandi hakagira imigende y'amazi ihagije
4.3. Imyanya ya ngombwa yo guhagarikamo ibinyabiziga	• Sitasiyo idafite aho ibinyabiziga bihindurirwa amavuta: Imyanya 3 yo guhagarikamo ibinyabiziga • Sitasiyo ifite aho ibinyabiziga bihindurirwa amavuta: imyanya 5 yo guhagarikamo ibinyabiziga
4.4. Parikingi yagenewe abafite ubumuga	• N/A
5. IBYAPA	
5.1. Biremewe	• Icyapa kimwe kiranga sitasiyo mu gace gakomye kiri nibura kuri metero ebyiri (2) uvuye mu mbibi z'umuhanda • Ubuhagarike ntarengwa uvuye ku butaka: kutarenza metero 6
5.2. Amatara	• Amatara rusange agomba gushyirwaho ku mpamvu z'umutekano
6. UMUTEKANO	
6.1. Kurwanya inkongi y'umuriro	Ingamba zose zo guhangana n'inkongi y'umuriro zigomba gushyirwaho (ibikoresho biburira ko hagiye kuba inkongi y'umuriro, kuyizimya na gahunda yihutirwa yo kuhavana ibihari)
6.2. Umutekano	Ubwishingizi bw'inyubako, abarinda umutekano bagomba kuba bahari mu gihe sitasiyo itangiye gukora

TWABIBONYE KUGIRANGO BYOMEKWE KU MABWIRIZA N°08/R/GP-EWS/RURA/2023 YO KUWA 24/02/2023 AGENGA UBURYO BWO GUSHYIRAHO, KUVUGURURA NO GUCURUZA PETEROLI N'IBIYIKOMOKAHO MU RWANDA

Bikozwe kuwa 24/02/2023

(sé)
Dr GATERA Omar
Perezida w'Inama Ngenzuramikorere

ANNEX III: SITE PLANNING FOR A PETROL SERVICE STATIONS

A Petrol Service Station is a property that is used in the sale of fuel for motor vehicles. The Petrol service Station can also comprise a range of other services such as : minor repairing and servicing of vehicles, retail outlets, car wash and tire service facilities.

CRITERIA FOR DESIGNING AND INSTALLING PETROL STATIONS	
1. MINIMUM DISTANCES BETWEEN FACILITIES OF A PETROL SERVICE STATION	
1.1.Distance between the edge of a canopy and tanks farm	Minimum : 5 m
1.2.Distance between dispenser islands and other buildings	Minimum : 6 m
1.3.Canopy size	Minimum : 12 m X 7 m Minimum height : 5 m
1.4.Distance between tanks farm and other buildings	Minimum : 3 m
1.5.Tanks farm setback	Minimum : 2 m except in residential zone
1.6.Minimum distances from vent pipes	3 m from any chimney opening, any hot surface or any source of ignition 1.5 m from any door, window, or other opening in a building
1.7.Road reserve	As detemined by applicable laws
2. USES	
2.1.Mandatory Uses	Public toilets (minimum of 2 toilets) • One for Gents; • One for Ladies.
2.2.Permitted Uses	• Service Station • Minor Vehicle Repair and Servicing • Tire service facilities • Car wash • Retail Outlets, and • Other services approved by the Regulatory Authority
2.3.Prohibited Use	• Residential

	• Industrial Uses • Bar, pub and all related facilities
2.4.Ancillary Use	Office, Store and compressor room associated with the functioning of the service station
2.5.Minimum Lot Size	• 1200 m^2 for a Petrol Service Station without a service bay, • 1500 m^2 for a Petrol Service Station with a service bay
3. COVERAGE	
3.1.Minimum width frontage	• 30 m
3.2.The minimum Entry and Exit width	• 9 m
4. PARKING	
4.1.Location	Required parking stalls shall be provided within the plot accomodating a Petrol Service station.
4.2.Surfacing	Parking shall be hard surfaced and provided with adequate drainage
4.3.Minimum Required Parking Stalls	• Service station without a service bay: 3 parking stalls • Service station with a service bay: 5 parking stalls
4.4.Disabled Parking	• N/A
5. SIGNAGE	
5.1.Permitted	• One petrol service station identification sign shall be permitted in the buffer strip at 2m minimum from the road boundary • Maximum height from the ground level: 6m max
5.2.Lighting	• Public lights must be installed for the security purposes
6. SECURITY AND SAFETY	
6.1.Firefighting	All measures for firefighting management have to be in place (equipment for fire detection and suppression and emergency evacuation plan)
6.2.Security	Building insurance, and a security Guards have to be in place during operational phase of a service petrol station

SEEN TO BE ANNEXED TO REGULATION N° 08/R/GP-EWS/RURA/2023 OF 24/02/2023 GOVERNING THE INSTALLATION, UPGRADE AND OPERATION OF PETROL SERVICE STATIONS IN RWANDA

Done on 24/02/2023

(sé)
Dr GATERA Omar
Chairperson of the Regulatory Board

ANNEXE III: PLANIFICATION DU SITE POUR LES STATIONS-SERVICE

Une station-service est une propriété qui est utilisée dans la vente de carburant pour les véhicules à moteur. La Station-service peut également comprendre une gamme d'autres services tels que : les petites réparations et l'entretien des véhicules, les points de vente au détail, les infrastructures de lavage de voitures et de service de pneus.

CRITERES DE CONCEPTION ET D'INSTALLATION DES STATIONS – SERVICES	
1. DISTANCES MINIMALES ENTRE LES INFRASTRUCTURES D'UNE STATION-SERVICE	
1.1. Distance entre le bord d'un auvent et le parc à réservoirs	Minimum : 5 m
1.2. Distance entre les îlots distributeurs et les autres bâtiments	Minimum : 6 m
1.3. Grandeur de l'auvent Minimum	Minimum : 12 m X 7 m Hauteur minimum : 5 m
1.4. Distance entre le parc à réservoirs et les autres bâtiments	Minimum : 3 m
1.5. Retrait du parc de réservoirs	Minimum : 2 m en sauf en zone résidentielle
1.6. Distances minimales à partir des tuyaux de ventilation	3 m de toute ouverture de cheminée, de toute surface chaude ou de toute source d'inflammation 1,5 m de toute porte, fenêtre ou d'autre ouverture dans un bâtiment
1.7. Réserve routière	Tel que déterminée par les lois applicables
2. USAGES	
2.1. Usages Obligatoires	Latrines publiques (minimum : 2 latrines) • Une pour Hommes;

	• Une pour Femmes.
2.2. Usages Autorisés	• Service - Station • Petite Réparation et Entretien de Véhicules • Service d'entretien des pneus • Lavage de voitures • Points de Vente au detail, et • D'autres services approuvés par l'Autorité de Régulation
2.3. Usage Interdit	• Résidentiel • Usages Industriels • Bar, cabaret et toutes les infrastructures connexes
2.4. Usage Auxiliaire	Bureau, Magasin et salle de compresseur associé au fonctionnement d'une station-service
2.5. Dimension Minimale de la Parcelle	• 1200 m^2 pour une station-service sans aire d'entretien, • 1500 m^2 pour une station-service équipée d'une aire d'entretien
3. COUVERTURE	
3.1. Largeur minimale de la façade	• 30 m
3.2. La largeur minimale d'Entrée et de Sortie	• 9 m
4. PLACE DE STATIONNEMENT	
4.1. Emplacement	Les stands de stationnement requis doivent être prévus dans la limite de la parcelle abritant la station-service.
4.2. Revêtement	La place de stationnement doit être revêtue en dur et équipée d'un drainage adéquat
4.3. Places de stationnement minimales requises	• Station-service sans aire d'entretien : 3 places de stationnement • Station-service équipée d'une aire d'entretien: 5 places de stationnement
4.4. Stationnement pour handicapés	• N/A
5. SIGNALISATION	

5.1. Autorisé	• Un panneau d'identification d'une station-service est autorisé dans la bande tampon à moins de 2 m de la limite de la route • Hauteur maximale depuis le niveau du sol: 6 m max
5.2. Eclairage	• Les lampes d'éclairage public doivent être installées aux fins de sécurité
6. SECURITE	
6.1. Lutte contre les incendies	Toutes les mesures pour la gestion de la lutte contre les incendies doivent être en place (équipement pour la détection et la suppression des incendies et le plan d'évacuation d'urgence)
6.2. Garantie	L'assurance des bâtiments et des gardes sécurité doivent être en place pendant la phase opérationnelle d'une station-service

VU POUR ETRE ANNEXE AU REGLEMENT N°08/R/GP-EWS/RURA/2023 DU 24/02/2023 REGISSANT L'INSTALLATION, LA RENOVATION ET L'EXPLOITATION DES STATIONS –SERVICES AU RWANDA

Fait le 24/02/2023

(sé)
Dr GATERA Omar
Président du Conseil de Régulation